6° ibyo gukoresha amafaranga akomoka ku bikorwa bitemewe n'amategeko;

7° ibyo kwiba ibinyabiziga bigacuruzwa mu mahanga;

8° iby'ikorabuhanga mu itangazabumenyi no mu itumanaho;

inside or outside the Rwandan territory, or cross-border crimes may, if apprehended on the territory of the Republic of Rwanda, be prosecuted and tried by Rwandan Courts in accordance with Rwandan laws as if any of the following crimes had been committed in Rwanda :

1° terrorism;

2° hostage-taking;

3° piracy;

4° drug trafficking;

5° illicit manufacturing and trafficking in arms;

6° money laundering;

7° cross-border theft of vehicles with the intent of selling them abroad;

8° information and communication technology related offences;

ou étrangère, qui commet sur le territoire rwandais ou étranger, des infractions qualifiées crimes à caractère international ou transfrontalier peut, si elle est arrêtée sur le territoire de la République du Rwanda, être poursuivie et jugée par les juridictions du Rwanda conformément au droit rwandais comme si l'un des crimes suivants avait été commis au Rwanda :

1° le terrorisme ;

2° la prise d'otage ;

3° la piraterie ;

4° le trafic des stupéfiants ;

5° la fabrication et le trafic illicite d'armes ;

6° le blanchiment d'argent ;

7° le vol des véhicules en vue de les vendre à l'étranger ;

8° les infractions liées aux technologies de l'information et de la communication ;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

9° gucuruza abantu, by'umwihariko abana;	9° trafficking in human beings especially children;	9° le trafic d'êtres humains en particulier des enfants ;
10° ibyaha by'ubucakara iby'iyicarubozo;	10° slavery and torture;	10° l'esclavage et la torture ;
11° ibikorwa by'indengakamere cyangwa bitesha agaciro ubumuntu;	11° cruel, inhuman or degrading treatment;	11° les traitements cruels, inhumains ou dégradants ;
12° icyaha cya jenocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara;	12° genocide, crimes against humanity and war crimes;	12° le génocide, les crimes contre l'humanité et les crimes de guerre;
13° guhakana cyangwa gupfobya jenocide;	13° genocide denial or revisionism;	13° le négationnisme ou le révisionnisme du génocide ;
14° gushishikariza, guhamagarira, gutera inkunga, korohereza cyangwa kugira uruhare ku bundi buryo, haba ku buryo buziguye cyangwa butaziguye mu gukora ibyaha bivugwa muri iyi ngingo n'ibindi byaha bifitanye isano na byo.	14° encouraging, mobilizing, assisting, facilitating or participating in any other manner, whether directly or indirectly, in the commission of any of the offences specified in this Article or any other related offences.	14° l'incitation, la mobilisation, l'assistance, la facilitation ou toute autre forme de participation, soit directement ou indirectement dans la commission des crimes spécifiés dans le présent article ainsi que d'autres infractions connexes.

Ingingo ya 17: Ikurikirana ry'ibyaha by'ubugome cyangwa bikomeye byakorewe mu mahanga

Gukurikirana ibyaha by'ubugome cyangwa bikomeye byakorewe mu mahanga, ntibishobora gutangira bidasabwe n'Ubushinjacyaha cyangwa abandi bantu

Article 17: Prosecution of a felony or a misdemeanour committed abroad

The prosecution of a felony or misdemeanour committed abroad may only be instituted at the request of the Public Prosecution or any other interested persons.

Article 17: Poursuite des crimes et délits commis à l'étranger

La poursuite des crimes et délits commis à l'étranger, ne peut être intentée qu'à la requête de l'Organe National de Poursuite ou de toutes autres personnes intéressées.

babifitemo inyungu.

Nta nkurikizi yindi ibaho, iyo ushinjwa agaragaza ko mu mahanga yaciriwe urubanza rudasubirwaho, kandi yaba yatsinzwe, ko yarangije igihano cyangwa ko yababariwe.

Ingingo ya 18: Kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo

Kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo bigengwa n'itegeko ry'u Rwanda cyangwa amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu.

Kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo byemerwa gusa iyo igikorwa gituma bisabwa cyagizwe icyaha n'itegeko ry'u Rwanda n'iry'amahanga.

Kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo bikorwa iyo hari amasezerano yo kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo yashyizweho umukono hagati y'u Rwanda n'igihugu gisaba iryo yoherezwa.

Kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo ntibyemerwa ku byaha bya politiki cyangwa bisabiwe impamvu za politiki.

Prosecution may not be instituted if the accused proves that he/she has been the subject of a final judgment delivered abroad and, in the event of conviction, that he/she served his/her sentence or was granted a pardon.

Article 18: Extradition

Extradition shall be governed by the Rwandan law or by international conventions ratified by Rwanda.

Extradition shall be permitted only when the act giving rise to the request is considered as a crime by the Rwandan and foreign Law.

Extradition shall be permitted if there is a convention on extradition concluded between Rwanda and the country requesting extradition.

Extradition shall not be granted for political offences or if it is requested on political grounds.

Aucune poursuite ne peut avoir lieu, si l'inculpé justifie qu'il a été jugé définitivement à l'étranger, et, en cas de condamnation, qu'il a purgé sa peine ou a obtenu la grâce.

Article 18: Extradition

L'extradition est régie par la loi rwandaise ou par les conventions internationales ratifiées par le Rwanda.

L'extradition n'est admise que si l'acte donnant lieu à la demande est érigé en infraction par la loi rwandaise et par la loi étrangère.

L'extradition est accordée lorsqu'il existe une convention relative à l'extradition signée entre le Rwanda et le pays qui demande l'extradition.

L'extradition n'est pas accordée pour les infractions à caractère politique ou si elle est demandée à des fins politiques.

Ingingo ya 19: Kohereza mu kindi gihugu umunyarwanda wakoze icyaha

Nta munyarwanda ushobora kohererezwa ikindi gihugu kimukurikiranyeho icyaha.

Ubwenegihugu busuzumwa bahereye igihe icyaha gituma hasabwa kohereza umuntu mu mahanga cyakorewe.

Ingingo ya 20: Urubanza rw'inshinjabyaha rwaciriwe mu mahanga

Urubanza rw'inshinjabyaha rwaciriwe mu mahanga ku buryo ndakuka rushobora kurangirizwa mu Rwanda ku byerekeye ibihano, bisabwe n'Ubushinjacyaha.

Urubanza rw'inshinjabyaha rwaciriwe mu mahanga ku buryo ndakuka rushobora kandi no kurangirizwa mu Rwanda bisabwe n'uwangirijwe n'icyaha iyo rwemeza indishyi zigomba kwishyurizwa mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda.

INTERURO YA II: IBYICIRO BY'IBYAHA, GUCURA UMUGAMBI WO GUKORA ICYAHA N'UBWINJIRACYAHA

Article 19: Extradition of a Rwandan national

Extradition of a Rwandan national shall not be permitted.

The nationality shall be assessed at the time of commission of the offence for which extradition is requested.

Article 20: Foreign criminal judgment

A foreign criminal judgment which has become final may be enforced in Rwanda with regard to penalties, at the request of the Public Prosecution.

A foreign criminal judgment may also be enforced upon request of the victim of the offence if it includes civil damages whose execution must take place on the territory of the Republic of Rwanda.

TITLE II: CATEGORIES OF OFFENCES, CONSPIRACY AND ATTEMPT

Article 19: Extradition d'un citoyen rwandais

L'extradition d'un citoyen rwandais n'est jamais accordée.

La qualité de citoyen est appréciée à l'époque de la commission de l'infraction pour laquelle l'extradition est requise.

Article 20: Décision judiciaire répressive rendue par une juridiction étrangère

Une décision judiciaire répressive rendue par une juridiction étrangère coulée en force de chose jugée peut être exécutée au Rwanda pour ce qui est des peines à la requête de l'Organe National de Poursuite.

Une décision judiciaire répressive rendue par une juridiction étrangère peut également être exécutée au Rwanda à la requête de la victime de l'infraction lorsqu'elle prononce des condamnations civiles dont l'exécution doit être poursuivie sur le territoire de la République du Rwanda.

TITRE II: CATEGORIES DES INFRACTIONS, CONSPIRATION ET TENTATIVE

UMUTWE WA MBERE: IBYICIRO BY'IBYAHA

CHAPTER ONE: CATEGORIES OF OFFENCES

CHAPITRE PREMIER: CATEGORIES DES INFRACTIONS

Ingingo ya 21: Ubusumbane bw'ibyaha

Article 21: Classification of offences

Article 21: Classification des infractions

Ibyaha bisumbana hakurikijwe uburemere bwabyo ku buryo bukurikira:

Offences are classified according to their gravity as follows:

Les infractions sont classées selon leur gravité comme suit:

1° ibyaha by'ubugome;

1. felonies;

1° crimes;

2° ibyaha bikomeye;

2. misdemeanours;

2° délits;

3° ibyaha byoroheje.

3. petty offences.

3° contraventions.

Ingingo ya 22: Icyaha cy'ubugome

Article 22: Felony

Article 22: Crime

Icyaha cy'ubugome ni icyaha itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5).

A felony is an offence punishable under the law by a main penalty of an imprisonment of more than five (5) years.

Un crime est une infraction que la loi punit à titre principal d'une peine d'emprisonnement supérieure à cinq (5) ans.

Ingingo ya 23: Icyaha gikomeye

Article 23: Misdemeanour

Article 23: Délit

Icyaha gikomeye ni icyaha itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itanu (5).

A misdemeanour is an offence punishable under the law by a main penalty of an imprisonment of six (6) months to five (5) years.

Un délit est une infraction que la loi punit à titre principal d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à cinq (5) ans.

Ingingo ya 24: Icyaha cyoroheje

Article 24: Petty offence

Article 24: Contravention

Icyaha cyoroheje ni icyaha itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kitageze ku

A petty offence is an offense punishable under the law by a main penalty of an imprisonment of less than six (6) months or

Une contravention est une infraction que la loi punit à titre principal d'une peine d'emprisonnement inférieure à six (6) mois

mezi atandatu (6) kimwe n'icyaha gihanishwa ihazabu gusa.

Gifatwa kandi nk'icyaha cyoroheje, icyaha gikomoka ku kutubahiriza amategeko, amateka n'amabwiriza y'ubutegetsi bwa Leta n'ayerekeye umutekano iyo nta tegeko bwite ribihana.

UMUTWE WA II: GUCURA UMUGAMBI WO GUKORA ICYAHA N'UBWINJIRACYAHA

Icyiciro cya mbere: Gucura umugambi wo gukora icyaha

Ingingo ya 25: Igisobanuro cyo gucira umugambi wo gukora icyaha

Gucura umugambi wo gukora icyaha ni ubwumvikane hagati y'abantu babiri cyangwa benshi bugamije gukora icyaha bikozwe n'umwe cyangwa benshi muri bo.

Ingingo ya 26: Ihanwa ry'icyaha cyo gucira umugambi wo gukora icyaha

Gucura umugambi wo gukora icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye bifatwa kimwe nk'ubwinjiracyaha ku cyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye cyari kigambiriwe.

punishable by a fine only.

Offences against laws, orders, public service and security regulations in respect of which the law does not provide for specific sentences are also petty offences.

CHAPTER II: CONSPIRACY AND ATTEMPT

Section One: Conspiracy

Article 25: Definition of conspiracy

Conspiracy is an agreement between two or more persons to engage in the commission of an offence by one or more of them.

Article 26: Punishment of conspiracy

Conspiracy to commit a felony or a misdemeanour is considered an attempt to commit the felony or the misdemeanour which was the subject of conspiracy.

ou une infraction qui n'est punie que d'une amende seulement.

Les infractions aux lois, aux arrêtés et aux règlements d'administration publique et de sécurité, à l'égard desquelles la loi ne détermine pas des peines particulières, sont aussi des contraventions.

CHAPITRE II: CONSPIRATION ET TENTATIVE

Section première: Conspiration

Article 25: Définition de la conspiration

La conspiration consiste en une entente entre deux ou plusieurs personnes en vue de la commission d'une infraction par l'une ou plusieurs d'entre elles.

Article 26: Répression de la conspiration

La conspiration en vue de commettre un crime ou un délit est considérée comme la tentative de commettre le crime ou le délit qui était l'objet de la conspiration.

Icyiciro cya 2: Ubwinjiracyaha

Section 2: Attempt

Section 2 : Tentative

Ingingo ya 27: Ubwinjiracyaha buhanirwa

Article 27: Punishable attempt

Article 27: Tentative punissable

Ubwinjiracyaha buhanirwa iyo umugambi wo gukora icyaha wagaragajwe n'ibikorwa biboneka, bidashidikanywa by'intangiriro y'icyaha, bigamije gushyigikira ko gikorwa, nyuma bigahagarikwa, bikabuzwa kugera ku cyifuzo cyangwa bikazitirwa n'impamvu zidakomoka ku bushake bwa nyir'ugukora icyaha.

An attempt is punishable when the plan to commit an offence has been demonstrated by observable and unequivocal acts constituting the beginning of the offence meant to enable the commission and that were suspended or failed in their purpose only because of circumstances beyond the offender's control.

La tentative est punissable lorsque la résolution de commettre une infraction a été manifestée par des actes extérieurs non équivoques, constituant le commencement de la commission de l'infraction, ayant pour objectif de favoriser sa consommation et ayant suspendus ou empêchés par des circonstances indépendantes de la volonté de l'auteur.

Ingingo ya 28: Ihanwa ry'ubwinjiracyaha mu gihe umugambi wo gukora icyaha utagezweho

Article 28: Punishable attempt when the objective is not achieved

Article 28: Répression d'une tentative lorsque le but recherché n'est pas atteint

Ubwinjiracyaha burahanirwa n'ubwo icyari cyagenderewe kitashoboye kugerwaho bitewe n'impamvu nyir'ugukora icyaha atashoboye kumenya.

An attempt shall be punishable even if the objective is not achieved on account of a circumstance unknown to the offender.

La tentative est punissable même si le but recherché n'est pas atteint en raison d'une circonstance de fait ignorée par l'auteur.

Ingingo ya 29: Kwigarura k'uware ugendereye gukora icyaha

Article 29: Voluntarily withdraw of the intention to commit an offence

Article 29: Renonciation volontaire à l'action de commettre une infraction

Iyo uwagendereye gukora icyaha yigaruye ku bushake bwe ntahanwa, keretse iyo ibyo yamaze gukora ubwabyo ari icyaha.

If a person who attempts to commit an offence voluntarily withdraws the intention to commit an act, he/she may be punished only if the acts already committed constitute an offence.

Si l'auteur de la tentative renonce volontairement à l'action, il n'encourt des peines que si les actes déjà commis constituent par eux-mêmes une infraction.

Ingingo ya 30: Ubwinjiracyaha bw'ibyaha by'ubugome, ibikomeye n'ibyoroheje

Ubwinjiracyaha bw'icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye bufatwa kimwe nk'icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye ubwacyo.

Icyakora, mu kugena ibihano ku byerekeranye n'ubwinjiracyaha, umucamanza ashobora kugabanya ibihano bitewe n'uburyo ubwinjiracyaha bwakozwe.

Ubwinjiracyaha bw'ibyaha byoroheje ntibuhanwa.

INTERURO YA III: IBIHANO MURI RUSANGE

UMUTWE WA MBERE: IBYICIRO BINYURANYE BY'IBIHANO

Icyiciro cya mbere: Ibihano bihabwa abantu ku giti cyabo

Ingingo ya 31: Amoko y'ibihano bihabwa abantu ku giti cyabo

Article 30: Attempt to commit felonies, misdemeanours and petty offences

An attempt to commit a felony or a misdemeanour shall be regarded as a felony or a misdemeanour.

However, the judge may reduce penalties for the attempt according to the circumstances in which the attempt occurred.

An attempt to commit petty offences shall not be punishable.

TITLE III: PENALTIES IN GENERAL

CHAPTER ONE: DIFFERENT CATEGORIES OF PENALTIES

Section One: Penalties applicable to natural persons

Article 31: Categories of penalties applicable to natural persons

Article 30: Tentative de crimes, de délits et de contraventions

La tentative de crime ou de délit est considérée comme le crime ou le délit lui-même.

Toutefois, le juge peut, en déterminant les peines relatives à la tentative, réduire les peines suivant les circonstances dans lesquelles la tentative a été commise.

La tentative de contravention n'est pas punissable.

TITRE III: PEINES EN GENERAL

CHAPITRE PREMIER: DIFFERENTES CATEGORIES DE PEINES

Section première: Peines applicables aux personnes physiques

Article 31: Catégories de peines applicables aux personnes physiques

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

Ibihano by'iremezo bihabwa abantu ku giti cyabo ni:	The main penalties applicable to natural persons shall be :	Les peines principales applicables aux personnes physiques sont:
1° igifungo;	1° imprisonment;	1° l'emprisonnement;
2° ihazabu;	2° fine;	2° l'amende;
3° igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro.	3° community service as alternative penalty to imprisonment.	3° la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général.
Ibihano by'ingereka bihabwa abantu ku giti cyabo ni:	Additional penalties applicable to natural persons shall be:	Les peines accessoires applicables aux personnes physiques sont:
1° ubunyagwe bwihariye;	1° special confiscation;	1° la confiscation spéciale;
2° ukubuza kuba ahantu cyangwa ugutegeka kuba ahantu;	2° ban on entry into a place or restriction of movements;	2° l'interdiction ou l'obligation de séjour;
3° ugushyirwa mu maboko ya Leta;	3° placement under the Government custody;	3° la mise à la disposition du Gouvernement;
4° ukwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu;	4° loss of civic rights;	4° la dégradation civique;
5° ugutangaza igihano cyatanzwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda no mu bundi buryo bw'itangazamakuru.	5° publication of the penalty pronounced in the Official Gazette of the Republic of Rwanda and through any other means of media.	5° la publication de la peine prononcée au Journal Officiel de la République du Rwanda et par tout autre moyen de média.

Icyiciro cya 2: Imihanirwe y'inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzima gatozi

Ingingo ya 32: Ibihano bihabwa inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzimagatozi

Ibihano bihabwa inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzimagatozi ni ibi bikurikira:

- 1° iseswa;
- 2° ihazabu;
- 3° kubuzwa by'igihe gito cyangwa kinini gukora kimwe cyangwa byinshi mu bikorwa imiryango yiyemeje;
- 4° kubuzwa by'igihe gito cyangwa kinini gukorera igikorwa kimwe cyangwa byinshi ahantu hateganyijwe;

Section 2: Punishment of State institutions , public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality

Article 32: Penalties applicable to State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality

Penalties applicable to State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality shall be the following:

- 1° dissolution;
- 2° fine;
- 3° temporary prohibition or for a long time from carrying out one or several professional or social activities;
- 4° temporary prohibition or for a long time from carrying out one or several activities in a specific zone;

Section 2: Application de peine aux institutions de l'Etat, aux sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique

Article 32: Peines applicables aux institutions de l'Etat, aux sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique

Les peines applicables aux institutions de l'Etat, aux sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique sont les suivantes:

- 1° la dissolution;
- 2° l'amende;
- 3° l'interdiction, à titre temporaire ou pour une longue durée, d'exercer une ou plusieurs activités professionnelles ou sociales;
- 4° l'interdiction, à titre temporaire ou pour une longue durée, d'exercer une ou plusieurs activités dans une zone déterminée;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

5° gufungwa burundu ibigo byakorewemo cyangwa byifashishijwe mu gukora ibikorwa bibujijwe;	5° permanent closure of the enterprises in which criminal acts were committed or which were used to commit such acts;	5° la fermeture définitive des établissements dans lesquels ont été commis ou ayant servi à commettre les faits incriminés;
6° kwirukanwa mu masoko ya Leta burundu cyangwa mu gihe kitarengeje imyaka itanu (5);	6° exclusion from public procurement, on a permanent basis or for a period not exceeding five (5) years;	6° l'exclusion des marchés publics à titre définitif ou pour une durée n'excédant pas cinq (5) ans;
7° kubuzwa gutanga sheki, ikarita iguhesha amafaranga cyangwa impapuro zivunjwamo amafaranga;	7° prohibition to issue a check, a credit card or a negotiable instrument;	7° l'interdiction d'émettre un chèque, une carte de crédits ou un titre négociable;
8° kunyagwa ikintu cyifashishijwe cyangwa cyari kigenewe gukora icyaha cyangwa ikintu cyagikomotseho;	8° confiscation of the object which was used in or intended for use in committing the offence or was the product of the offence;	8° la confiscation de la chose qui a servi ou était destinée à commettre l'infraction ou de la chose qui en est le produit;
9° gushyira ku bugenzurwe bw'ubucamanza;	9° placement under judicial supervision;	9° le placement sous surveillance judiciaire;
10° gutangaza icyemezo cyafashwe hakoreshejwe uburyo bwose bw'itangazamakuru.	10° Publication of the decision by any media.	10° la publication de la décision prononcée par tout moyen de média.

Icyakora, ibihano bivugwa mu gace ka mbere, aka 3°, aka 5°, aka 6°, aka 7° n'aka 9° tw'iyi ngingo ntibishobora guhabwa inzego za Leta n'ibigo byayo.

However, penalties provided under items 1°, 3°, 5°, 6°, 7° and 9° of this Article shall not be applicable to State organs and institutions.

Toutefois, les peines visées aux points 1°, 3°, 5°, 6°, 7° et 9° du présent article ne sont pas applicables aux organes de l'Etat et à ses institutions.

Ingingo ya 33: Uburyozwacyaha bw'inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzimagatozi

Inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzimagatozi biryozwa ibyaha biteganyijwe n'iri tegeko ngenga mu gihe byakozwe n'ababihagarariye cyangwa abari mu nzego z'ubuyobozi bwabyo, babikoze bagambiriye inyungu zabyo kandi bashingiye kuri ibi bikurikira:

- 1° ububasha bwo kubihagararira;
- 2° ububasha bwo gufata ibyemezo;
- 3° ububasha bwo kugenzura.

Uburyozwacyaha bw'inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, imiryango cyangwa amashyirahamwe, byaba ibya Leta cyangwa ibyigenga bifite ubuzimagatozi, buteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntibubuza ko ababihagarariye cyangwa ibyitso byabo bakurikiranwaho ibyaha ku giti cyabo.

Article 33: Criminal liability of State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality

State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality shall be held liable for offences provided under this Organic Law, if they are committed by their representatives or by those who hold leadership positions while they are acting for the benefit of these legal persons on the basis of :

- 1° power of representation;
- 2° power to take decisions;
- 3° power of supervision.

The criminal liability of State institutions, public or private companies, enterprises, organizations or associations with legal personality under Paragraph One of this Article shall not exclude criminal proceedings against their representatives or their accomplices.

Article 33: Responsabilité pénale des institutions de l'Etat, des sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique

Les institutions de l'Etat, les sociétés, les établissements, les associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique sont tenus pour responsables des infractions prévues par la présente loi organique, lorsqu'elles sont commises par leurs représentants ou par ceux qui occupent les postes de responsabilité en leur sein et agissant pour le compte de ces personnes morales, et ce sur base:

- 1° d'un pouvoir de représentation;
- 2° d'un pouvoir de prise de décisions;
- 3° d'un pouvoir de contrôle.

La responsabilité pénale des institutions de l'Etat, des sociétés, établissements, organisations ou associations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique prévue à l'alinéa premier du présent article n'exclut pas la poursuite individuelle de leurs représentants ou de leurs complices.

Ingingo ya 34: Itangwa ry'ibihano bihabwa inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzimagatozi

Mu gihe habaye uburyozwacyaha bw'inzego za Leta, amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzimagatozi, urukiko rugenera uhanwa bimwe mu bihano biteganyijwe mu ngingo ya 32 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 35: Ihazabu icibwa inzego za Leta, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango, byaba ibya Leta cyangwa ibyigenga bifite ubuzimagatozi

Ihazabu icibwa inzego za Leta, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango, byaba ibya Leta cyangwa ibyigenga bifite ubuzimagatozi, yikuba inshuro ebyiri (2) iyateganyirijwe abantu ku giti cyabo.

Article 34: Imposition of penalties applicable to State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality

In the event of criminal liability of State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality, the court shall pronounce some of the penalties provided under Article 32 of this Organic Law as appropriate.

Article 35: Fine applicable to State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality

The fine applicable to State institutions, public or private companies, enterprises, associations or organizations with legal personality shall be twice (2) the amount of fine imposed on natural persons.

Article 34: Prononcé des peines prévues pour les institutions de l'Etat, les sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique

En cas de responsabilité pénale des institutions de l'Etat, des sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique, la juridiction prononce certaines des peines prévues à l'article 32 de la présente Loi Organique selon le cas.

Article 35: Amende applicable aux institutions de l'Etat, aux sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique

L'amende applicable aux institutions de l'Etat, aux sociétés, établissements, associations ou organisations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique est le double (2) de celle prévue pour les personnes physiques.

Ingingo ya 36: icyemezo cyo gusesa ikigo, ishyirahamwe cyangwa umuryango byigenga bifite ubuzimagatozi

Icyemezo gisesa ikigo, ishyirahamwe cyangwa umuryango byigenga bifite ubuzimagatozi cyohererezwa umuyobozi ubifitiye ububasha kugira ngo akurikirane ibijyanye n'iseswa.

Ingingo ya 37: icyemezo cyo gushyirwa ku bugenzurwe bw'ubucamanza

Icyemezo cy'urukiko cyo gushyira ku bugenzurwe bw'ubucamanza ikigo, ishyirahamwe cyangwa umuryango byigenga bifite ubuzimagatozi gishyiraho n'intumwa ibihagararira, yishyurwa na byo, urukiko rukanayigenera inshingano. Izo nshingano zirebana gusa n'ibikorwa byabaye cyangwa byatumye habaho icyaha.

Buri mezi atandatu (6), intumwa ikorera raporo umucamanza wafashe icyemezo imumenyesha uko ibintu bimeze. Akibona iyo raporo, uwo mucamanza ashobora gutanga igihano gishya cyangwa akavanaho icyemezo cyari cyafashwe, abisabwe

Article 36: Decision of dissolution of a private company, enterprise, association or organization with legal personality

The decision of dissolution of a private company, enterprise, association or organization with legal personality shall be transmitted to the competent authority to proceed with the liquidation.

Article 37: Decision of placement under judicial supervision

The Court decision of placing a private company, enterprise, association or organization with legal personality under judicial supervision shall include the appointment, at their expense, of a representative whose duties are specified by the court. Such duties shall only cover activities which were conducted or which gave rise to the commission of the offence.

Every six (6) months, the representative shall submit to the judge who made the decision a report on the situation. On receipt of this report, the judge may impose a new sentence or decide to lift the decision which had been made upon request by the Public Prosecution.

Article 36: Décision de dissolution d'une société, d'un établissement, d'une association ou d'une organisation de droit privé dotés de la personnalité juridique

La décision prononçant la dissolution d'une société, d'un établissement, d'une association ou d'une organisation de droit privé dotés de la personnalité juridique est transmise à l'autorité compétente pour procéder à la liquidation.

Article 37: Décision de placement sous surveillance judiciaire

La décision judiciaire de placement sous surveillance judiciaire d'une société, d'un établissement, d'une association ou d'une organisation de droit privé dotés de la personnalité juridique comporte la désignation d'un mandataire à leur frais, dont les fonctions sont déterminées par la juridiction. Ces fonctions ne portent que sur les activités qui ont été exercées ou qui ont donné lieu à la commission de l'infraction.

Tous les six (6) mois, le mandataire adresse au juge qui a rendu la décision un rapport faisant état de la situation. Dès réception de ce rapport, le juge peut soit prononcer une nouvelle peine, soit décider la levée de la décision qui avait été rendue à la demande

n'Ubushinjacyaha.

de l'Organe National de Poursuite.

**UMUTWE WA II: INGINGO ZIHARIYE
KU BIHANO BIMWE NA BIMWE**

**CHAPTER II : SPECIAL PROVISIONS
FOR SOME PENALTIES**

**CHAPITRE II: DISPOSITIONS
PARTICULIERES A CERTAINES
PEINES**

Icyiciro cya mbere: Igihano cy'igifungo

Section One: Penalty of imprisonment

Section première: Peine d'emprisonnement

**Ingingo ya 38: Uburyo igihano cy'igifungo
gikorwa**

**Article 38: Modalities of execution of the
penalty of imprisonment**

**Article 38: Modalités d'exécution de la
peine d'emprisonnement**

Igihano cy'igifungo gishobora gukorwa ku buryo busanzwe cyangwa ku buryo bw'umwihariko.

The penalty of imprisonment may be served under ordinary conditions or through special provisions.

La peine d'emprisonnement peut être exécutée dans les conditions ordinaires ou par voie de réclusion criminelle à perpétuité.

**Ingingo ya 39: Igihano cy'igifungo cya
burundu n'icya burundu cy'umwihariko**

**Article 39: Penalty of life imprisonment
and that of life imprisonment with special
provisions**

**Article 39: Peine d'emprisonnement à
perpétuité et celle de réclusion criminelle
à perpétuité**

Igihano cy'igifungo cya burundu ni igifungo kimara ubuzima bwose.

Life imprisonment means that a person will spend the rest of his/her life in prison.

La peine d'emprisonnement à perpétuité est un emprisonnement à vie.

Igihano cy'igifungo cya burundu cy'umwihariko ni igihano cy'igifungo cya burundu gituma ugihanishijwe adashobora guhabwa imbabazi izo ari zo zose, gufungurwa by'agateganyo cyangwa guhanagurwaho ubusembwa atararangiza nibura imyaka makumyabiri (20) y'igifungo.

The penalty of life imprisonment with special provisions is imprisonment which shall prevent a convicted person from being entitled to any kind of mercy, conditional release or the rehabilitation unless he/she has served at least twenty (20) years of imprisonment.

La peine de réclusion criminelle à perpétuité est une peine de prison à vie qui exclut le condamné du bénéfice de mesure de grâce, d'amnistie, de la libération conditionnelle ou de la réhabilitation sans qu'il ait accompli au moins vingt ans (20) d'emprisonnement.

Itegeko rigena uburyo bwo kurangiza no gushyira mu bikorwa igihano cy'igifungo

A law shall provide for the mode of enforcement and execution of life

Une loi détermine le régime d'application et d'exécution de la peine de réclusion

cya burundu cy'umwihariko.

imprisonment with special provisions.

criminelle à perpétuité.

Igingo ya 40: Igifungo kimara igihe

Article 40: Fixed-term imprisonment

Article 40: Emprisonnement à durée déterminée

Igifungo kimara igihe, kimara nibura umunsi umwe (1) kandi ntikirenza imyaka makumyabiri n'itanu (25), keretse mu gihe cy'isubiracyaha cyangwa mu bindi bihe itegeko riteganywa ibindi bihano ntarengwa.

Fixed-term imprisonment is not less than one (1) day and not more than twenty-five (25) years, except in cases of recidivism or in other cases where the law provides for other ranges of penalties.

L'emprisonnement à durée déterminée est d'un (1) jour au minimum et de vingt cinq ans (25) au maximum, sauf dans les cas de récidive ou dans d'autres où la loi prévoit d'autres limites.

Igifungo kimara igihe kibarirwa ku minsi, amezi n'imyaka bya kalendari isanzwe, kimwe n'ibihano byose bigenewe igihe.

Fixed-term imprisonment shall be calculated on the basis of days, months and years in the Gregorian calendar like all other temporary penalties.

L'emprisonnement à durée déterminée se calcule, comme toutes les peines temporaires, par jours, mois et années du calendrier grégorien.

Igifungo cy'umunsi umwe ni amasaha makumyabiri n'ane (24). icy'ukwezi kumwe (1) ni iminsi mirongo itatu (30). icy'umwaka umwe (1) ni amezi cumi n'abiri (12).

An imprisonment of one (1) day is equal to twenty four (24) hours. One-month imprisonment is equal to thirty (30) days. One-year imprisonment is equal to twelve (12) months.

L'emprisonnement d'un jour (1) est de vingt-quatre (24) heures. Celui d'un mois (1) est de trente (30) jours. Celui d'une année (1) est de douze (12) mois.

Igihe cy'igifungo kibarwa kuva ku munsi urubanza ruhana umuntu rwabaye ndakuka.

The term of an imprisonment shall be calculated from the day the judgment has become final.

La durée de l'emprisonnement court du jour où le jugement de condamnation est devenu définitif.

Igihe umuntu amaze mu gifungo cy'agateganyo n'igihe umuntu amaze afunze mu buryo budakurikije amategeko ndetse n'igihe uwakatiwe yamaze mu gifungo gishingiye ku mategeko yihariye agenga imyitwarire yashyizwemo n'ubutegetsi

The length of pre-trial detention and that of illegal detention as well as the period during which the convicted person was subject to an administrative sanction involving deprivation of liberty ordered by competent authorities shall be fully deducted from the duration of

La détention provisoire et le délai de détention illégale ainsi que le temps pendant lequel le condamné a été soumis par les autorités administratives compétentes à une mesure de sûreté privative de liberté sont intégralement déduits de la durée de la peine

bubyemererwa n'amategeko uko byakabaye, bivanwa mu gihe cy'igihano urubanza rwategetse.

the penalty imposed.

prononcée par le jugement.

Icyakora, mu ibara ryerekeye irangizabihano bimara igihe, ntihitabwa ku gihe uwakatiwe yihungishije ubwe igihano.

However, the period during which the convicted person voluntarily evaded the enforcement of the penalty shall not be included in the calculation of the enforcement of fixed-term penalty.

Toutefois, dans le calcul de l'exécution des peines à durée déterminée, il n'est pas tenu compte du temps pendant lequel le condamné s'est volontairement soustrait de l'exécution de la peine.

Igihe umuntu akatiwe ibihano by'ibifungo bibiri bikurikirana, igifungo cya kabiri gitangira ku itariki igifungo cya mbere kirangiriyeho.

When a person is sentenced to two successive penalties of imprisonment, the second imprisonment shall start from the expiry date of the first one.

Lorsqu'une personne est condamnée à deux peines d'emprisonnement successives, le second emprisonnement prend cours à la date d'expiration du premier emprisonnement.

Icyiciro cya 2: Igihano cy'ihazabu

Section 2: Penalty of fine

Section 2: Peine d'amende

Ingingo ya 41: Ingano y'ihazabu

Article 41: Amount of fine

Article 41: Montant de l'amende

Ihazabu igizwe n'ifaranga ry'u Rwanda nibura rimwe (1); igenewe isanduku ya Leta.

A fine is at least one (1) Rwandan franc which shall be levied for the benefit of the State.

L'amende est de un (1) franc rwandais au moins. Elle est perçue au profit de l'Etat.

Ingingo ya 42: Itangwa ry'igihano cy'ihazabu

Article 42: Imposition of a fine

Article 42: Prononcé de la peine d'amende

Igihano cy'ihazabu gihabwa buri muntu ku giti cye, hakurikijwe uburemere bw'icyaha n'imibereho y'uwakatiwe.

A fine is imposed individually against each of the convicted persons, having regard to the gravity of the offence and the convicted person's situation.

L'amende est prononcée individuellement contre chacun des condamnés en tenant compte de la gravité de l'infraction et de la situation du condamné.

Igihano cy'ihazabu gikurwaho n'urupfu rw'uwagikatiwe cyangwa iseswa ry'isosiyete, ikigo, ishyirahamwe cyangwa umuryango bifite ubuzimagatozi.

The fine shall lapse upon the death of the convicted person or the dissolution of the company, enterprise, association or organization with legal personality.

L'amende s'éteint par la mort du condamné ou de la dissolution de la société, de l'établissement, de l'association ou de l'organisation dotés de la personnalité juridique.

Ingingo ya 43: Igihe ihazabu itangwamo

Article 43: Duration for payment of a fine

Article 43: Délai de paiement de l'amende

Urukiko rushyiraho igihe ntarengwa ihazabu itangirwamo; icyo gihe ntigishobora kurenza amezi atandatu (6) kuva urubanza rubaye ndakuka.

The court shall determine the duration for payment of a fine. Such duration shall not exceed six (6) months from the day the judgment is final.

La juridiction fixe le délai dans lequel l'amende doit être payée ; ce délai ne peut excéder six (6) mois à compter du jour où le jugement devient définitif.

Urukiko rushobora kwemeza ko ihazabu yishyurwa mu byiciro.

The Court may order that the fine be paid in installments.

La juridiction peut décider que l'amende soit payée par tranches.

Ingingo ya 44: Umutungo w'uwakatiwe udashobora kuvamo ibyishyurwa

Article 44: Insufficient property of the convicted to pay

Article 44: Insuffisance des biens du condamné pour payer

Iyo umutungo w'uwakatiwe udashobora kuvamo ihazabu, gusubiza iby'abandi n'indishyi z'akababaro, habanza gusubizwa iby'abandi no kwishyura indishyi z'akababaro.

When the convicted person's property is insufficient for the payment of the fine, restitutions and damages, the amount recovered shall be used by giving precedence to the payment of restitutions and damages.

Lorsque les biens du condamné sont insuffisants pour le recouvrement de l'amende, des restitutions et des dommages-intérêts, la somme recouvrée est prioritairement affectée aux restitutions et aux dommages-intérêts.

Ingingo ya 45: Ubufatanye bw'abahamwe n'icyaha mu kwishyura ihazabu, ibisubizwa, indishyi z'akababaro n'amagarama y'urubanza

Article 45: Joint liability of convicted persons for the payment of a fine, restitutions, damages and court fees

Article 45: Solidarité des condamnés dans le paiement de l'amende, des restitutions, des dommages-intérêts et des frais de justice

Abantu bose bahaniwe icyaha kimwe

All persons convicted of the same offence

Toutes les personnes condamnées pour une

bafatanya kwishyura ihazabu, ibisubizwa, indishyi z'akababaro n'amagarama y'urubanza.

Ariko urukiko rushobora, rukoresheje icyemezo gisobanuye, gusonera bamwe mu bahanwe, ubufatanye bwose cyangwa igice cyabwo.

Ingingo ya 46: Gusubiza ibyarigishijwe, ibyibwe, ibyambuwe cyangwa ibyishyuwe bitari ngombwa binyujijwe mu masezerano

Mu rubanza rwose rw'inshinjabyaha rugenye igihano cy'igifungo cyangwa cy'ihazabu, umucamanza ateguka gusubiza ibyarigishijwe, ibyibwe, ibyambuwe ku buryo bw'uburiganya cyangwa ibyishyuwe bitari ngombwa binyujijwe mu masezerano.

Icyiciro cya 3: Igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro

Ingingo ya 47: Itangwa ry'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro

Iyo icyaha gihanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itanu (5), urukiko rushobora gutegeka uwagikatiwe

shall be jointly liable for the payment of the fine, restitutions, damages and court fees.

However, the Court may, by a justified decision, relieve some of the convicts, either wholly or partially, from the joint liability.

Article 46: Restitution of embezzled, stolen, fraudulently obtained property or undue payment under a contract

In any criminal case in which a sentence of imprisonment or a fine is pronounced, the judge shall order the restitution of embezzled, stolen, fraudulently obtained property or undue payment under a contract.

Section 3: Community service as alternative penalty to imprisonment

Article 47: Imposition of community service as alternative penalty to imprisonment

When an offence is punishable by a term of imprisonment of six (6) months to five (5) years, the Court may order that the convict

même infraction sont tenues solidairement de l'amende, des restitutions, des dommages-intérêts et des frais de justice.

Toutefois, la juridiction peut, par décision motivée, exonérer en tout ou en partie de la solidarité certains condamnés.

Article 46: Restitution des biens détournés, volés, escroqués ou obtenus indûment sur base d'un contrat

Dans toute affaire pénale dans laquelle une peine d'emprisonnement ou une amende est prononcée, le juge doit ordonner la restitution des biens détournés, volés, escroqués ou obtenus indûment sur base d'un contrat.

Section 3: Peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général

Article 47: Prononcé de la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général

Lorsqu'une infraction est punissable d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à cinq (5) ans, la juridiction peut décider que

kurangiza icya kabiri (1/2) cy'igihano akora igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro.

serve half (1/2) of the term of his/her sentence in performing community service as alternative penalty to imprisonment.

le condamné accomplisse la moitié (1/2) de sa peine en purgeant la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général.

Iyo icyaha gihanishwa igifungo kitageza ku mezi atandatu (6), urukiko rushobora kumutegeka gukora igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro, mu gihe rugena, kandi kidashobora kurenga igihe gihanitse cy'igifungo giteganywa n'itegeko kuri icyo cyaha.

When an offence is punishable by imprisonment of less than six (6) months, the Court may order that the convict carry out community service as alternative penalty to imprisonment for a period that the Court determines but which does not exceed the maximum term of imprisonment provided by law for such an offence.

Lorsque l'infraction est punie d'un emprisonnement inférieur à six (6) mois, la juridiction peut ordonner que le condamné accomplisse la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général, pour le délai qu'il fixe et qui ne peut pas dépasser le délai maximum de l'emprisonnement prévu par la loi pour cette infraction.

Iyo uwahamwe n'icyaha adakoze neza igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro, ahatirwa kurangiriza muri gereza igihano gisigaye yakatiwe.

In case of failure by the convict to appropriately carry out community service as alternative penalty to imprisonment, he/she shall be forced to serve his/her remaining penalty in prison.

Lorsque le condamné n'exécute pas convenablement la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général, il est contraint de purger le reste de sa peine en prison.

Ingingo ya 48: Igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro igihe uwakatiwe adashoboye kubahiriza ibyo yategetswe n'urukiko

Article 48: Community service as alternative penalty to imprisonment in case of a convict's failure to comply with court orders

Article 48: Peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général en cas de non-respect des décisions de la juridiction par un condamné

Mu gihe urukiko ruciye ihazabu, amafaranga y'urubanza, ubwishyu ubwo ari bwo bwose bugenewe isanduku ya Leta n'ibintu bigomba gusubizwa cyangwa indishyi z'akababaro bigenewe uwakorewe icyaha, rugena igihe cyo gukora igihano

When the Court orders a convicted person to pay a fine, Court fees or to effect any payment into the Public Treasury, restitutions or pay damages for the benefit of the party to civil case, it shall determine the duration of community service as alternative penalty to

Lorsque la juridiction prononce une condamnation à l'amende, aux frais de justice, à tout paiement au profit du Trésor public, à des restitutions ou à des dommages-intérêts envers une partie civile, elle fixe la durée de la peine alternative à

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

<p>nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro mu gihe uwakatiwe adashoboye kubahiriza ibyo yategetswe n'urukiko.</p>	<p>imprisonment to be imposed in case the convict would be unable to comply with the judgment imposed against him/her by the Court.</p>	<p>l'emprisonnement de travaux d'intérêt général pour le cas où le condamné ne serait pas en mesure d'exécuter les condamnations prononcées contre lui.</p>
<p>Igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro ku muntu ku giti cye cyangwa ku muntu uhagarariye ikigo, ishahirahamwe cyangwa umuryango bifite ubuzimagatozi ku muntu urimo umwenda kugira ngo ahatirwe kwishyura ntigishobora kurenza imyaka ibiri (2).</p>	<p>Community service as alternative penalty to imprisonment against an individual or a representative of an entity, an association or an organization with legal personality or against a debtor to compel him/her to pay his/her debt shall not exceed two (2) years.</p>	<p>La peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général contre un individu ou un représentant d'un établissement, d'une association ou d'une organisation dotés de la personnalité juridique ou contre un débiteur pour le contraindre à payer sa dette ne peut pas excéder deux (2) ans.</p>
<p>Iyo uwakatiwe arangije gukora igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro, ntaba asonewe kwishyura ibindi yategetswe n'urukiko.</p>	<p>When a convicted person has completed community service as alternative penalty to imprisonment, he/she shall not be relieved of other obligations imposed by the Court.</p>	<p>Lorsqu'un condamné a accompli sa condamnation à la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général, il n'est pas libéré de l'exécution d'autres condamnations.</p>
<p>Uwakatiwe igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro ntakomeza kugikora iyo yishyuye.</p>	<p>A convicted person shall be relieved from community service as alternative penalty to imprisonment if he/she effects imposed payments.</p>	<p>Le condamné à la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général est libéré de cette peine s'il parvient à payer.</p>
<p><u>Ingingo ya 49: Igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro igihe umwenda utishyuwe wose</u></p>	<p><u>Article 49: Community service as alternative penalty to imprisonment in case of failure to pay the whole debt</u></p>	<p><u>Article 49: Peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général à défaut de paiement intégral de la dette</u></p>
<p>Iyo umwenda ukomoka ku cyaha utishyuwe wose, igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro gishobora kugenwa</p>	<p>When the debt arising from an offence is not paid in whole, community service as alternative penalty to imprisonment may be</p>	<p>Lorsque le paiement intégral de la dette née d'une infraction n'est pas effectué, la peine alternative à l'emprisonnement de travaux</p>

kubera igice cyawo gisigaye, bisabwemo n'Ubushinjacyaha.

Ingingo ya 50: Uburyo bwo gukora igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro

Uburyo bwo gukora igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro bushyirwaho n'iteka rya Perezida.

Icyiciro cya 4: Ubunyagwe

Ingingo ya 51: Ubunyagwe bwihariye

Igihe hakozwe icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye, kunyagwa kw'ibintu bigize icyaha, ibyagikoreshejwe, ibyagenewe kugikora cyangwa se ibyo cyabyaye, byemezwa mu ica ry'urubanza, bikongerwa ku gihano cy'iremezo, iyo ibyo bintu ari iby'uwakatiwe.

Iyo ibyo bintu bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo atari iby'uwakatiwe kimwe n'igihe icyaha cyakozwe ari icyaha cyoroheje, ubwo bunyagwe bwemezwa gusa mu bihe biteganywa n'itegeko.

imposed proportionally to the remaining amounts upon request by the Public Prosecution.

Article 50: Modalities for the execution of community service as alternative penalty to imprisonment

Modalities for the execution of community service as alternative penalty to imprisonment shall be determined by a Presidential Order.

Section 4: Confiscation

Article 51: Special confiscation

When a felony or a misdemeanour is committed, the special confiscation of items constituting the object of the offence, items which were used or intended to be used to commit the offence or were the proceeds, shall be an additional to the main penalty when such items belong to the convict.

Iyo icyo cyaha cyateye uwagikorewe urupfu, uwagikoze ahanishwa igifungo cya burundu.

If an offence results in the death of the victim, the offender shall be liable to life imprisonment.

Lorsque cette infraction a entraîné la mort de la victime, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 185: Gukora icyaha cy'urukozasoni mu ruhame

Umuntu wese ukora icyaha cy'urukozasoni mu ruhame, ahanishwa igifungo kuva mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Ingingo ya 186: Gukorana imibonano mpuzabitsina n'itungo

Umuntu wese ukorana imibonano mpuzabitsina cyangwa ishingiyeye ku gitsina n'itungo, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2).

Ingingo ya 187: Kwangiza imyanya ndangabitsina

Kwangiza imyanya ndangabitsina bihanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko.

Ingingo ya 188: Kumurika, gucuruza cyangwa gukwiza ibiterasoni

Umuntu wese umurika, ucuruza cyangwa ukwiza indirimbo, inyandiko izo ari zo zose,

Article 185: Public indecent assault

Any person who commits public indecent assault shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

Article 186: Bestiality

Any person who engages in sexual relations or any practice of a sexual nature with a domestic animal shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years.

Article 187: Sexual torture

Sexual torture shall be punishable by life imprisonment with special provisions.

Article 188: Exhibition, sale or distribution of objects of sexual nature

Any person, who exhibits, sells or distributes songs, or any other writing, symbols, images,

Article 185: Commettre une infraction d'attentat à la pudeur en public

Toute personne qui commet une infraction d'attentat à la pudeur en public est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Article 186: Bestialité

Toute personne qui fait des rapports sexuels ou toute pratique de nature sexuelle avec un animal domestique est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans.

Article 187: Torture sexuelle

La torture sexuelle est punissable de la réclusion criminelle à perpétuité.

Article 188: Exposition, vente ou distribution des objets portant atteinte à la pudeur

Toute personne qui expose, vend ou distribue des chansons, des écrits de toute forme, des

ibimenyetso, amashusho, ibirango cyangwa ibindi bintu by'ibiterasoni, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese uha umwikorezi cyangwa umucuruzi bene ibyo bintu abitse, ubyohereza mu mahanga cyangwa ubukurayo agamije kubyamamaza, kubicuruza cyangwa kubikwirakwiza, ahanishwa ibihano bimwe n'ibyavuzwe mu gikacya mbere cy'iyi ngingo.

Mu bihe biteganyijwe n'igika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingomuhimbyi w'urwandiko, w'igishushanyo, w'ishusho, uwabyanditse ku mashini cyangwa uwabyandukuye n'uwahimbye ibirango cyangwa igikoresho, bahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

emblems or any other objects of sexual nature shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of a hundred thousand (100,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Any person who offers for transport, trade, exports or imports or advertises objects of sexual nature for the purpose of selling, shall be liable to the penalties provided under Paragraph One of this Article.

In the cases under paragraphs One and 2 of this Article, any person who produces a writing, a drawing, who has printed or produced them as well as a person who has designed emblems or materials, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

symboles, des images, des emblèmes ou autres objets portant atteinte à la pudeur est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui remet à un transporteur ou un commerçant les objets portant atteinte à la pudeur qu'il détient, les importe ou les exporte en vue d'en faire la publicité, le commerce ou la distribution est passible des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

Dans les cas prévus aux alinéas premier et 2 du présent article, le producteur d'un écrit, d'un dessin, d'une image, celui qui les a imprimés ou reproduits ainsi que celui qui a conçu un emblème ou un matériel, sont passibles d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 189: Impamvu nkomezacyaha ku byaha bivugwa mu ngingo kuva ku ya 183 kugeza ku ya 185 z'iri Tegeko Ngenga

Ibihano biteganyijwe mu ngingo kuva ku ya 183 kugeza ku ya 185 z'iri Tegeko Ngenga byikuba kabiri (2) iyo uwakoze icyaha:

- 1° ari ukomokwaho n'umuntu wakorewe icyaha;
- 2° ari mu rwego rw'abamutegeka;
- 3° ari umwigisha;
- 4° ari umukozi wa Leta, uhagarariye ubutegetsi cyangwa uhagarariye idini bishingikirije iyo mirimo yabo kugira ngo bagikore cyangwa umuganga, babigiriye ku bantu bashinzwe k'ubw'umwuga wabo;
- 5° yagifashijwemo n'umuntu umwe cyangwa benshi.

Article 189: Aggravating circumstances for offences provided under Articles 183 to 185 of this Organic Law

The penalties provided under Articles 183 to 185 of this Organic Law, shall be doubled if the offender:

- 1° is an ascendant of the victim;
- 2° is in the same category as those who have authority over him/her ;
- 3° is a teacher ;
- 4° is a civil servant, a representative of the administrative authority, a minister of worship who have abused their position to commit such an offence, or a medical doctor who commit such offences against persons placed under their authority by virtue of their duties;
- 5° was assisted by one or more persons in committing the crime.

Article 189: Circonstances aggravantes pour les infractions prévues aux articles 183 à 185 de la présente loi organique

Les peines prévues aux articles 183 à 185 de la présente loi organique sont portées au double, lorsque l'auteur :

- 1° est un ascendant de la victime;
- 2° est du rang de ceux qui ont autorité sur la victime;
- 3° est un instituteur;
- 4° est un agent de l'Etat, un représentant de l'autorité administrative ou un ministre d'un culte ou un médecin qui, en raison de leur fonctions, commettent l'infraction envers les personnes dont ils assument l'autorité;
- 5° a été aidé dans l'exécution de l'infraction par une ou plusieurs personnes.

Icyiciro cya 2: Gusambanya umwana

Ingingo ya 190: Igisobanuro cyo gusambanya umwana

Gusambanya umwana ni imibonano mpuzabitsina yose cyangwa ishingiyeye ku bitsina ikorewe umwana uko yaba ikozwe kose n'icyaba cyakoreshejwe cyose.

Ingingo ya 191: Igihano cy'icyaha cyo gusambanya umwana

Umuntu wese usambanyije umwana, ahanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko.

Ingingo ya 192: Gusambanya umwana bikozwe n'umufiteho ububasha

Iyo icyaha cyo gusambanya umwana cyakozwe n'umubyeyi we cyangwa ushinze kumurera, uhagarariye ubutegetsi, uhagarariye idini, ushinze umutekano, ukora umwuga w'ubuvuzi, ukora umwuga w'uburezi, uwitoza umwuga n'abandi bese bishingikirije umwuga bakora cyangwa ububasha bafite ku mwana, uwagikoze ahanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Section 2: Child defilement

Article 190: Definition of child defilement

Child defilement means any sexual intercourse or any sexual act with a child regardless of the form or means used.

Article 191: Penalty for child defilement

Any person who commits child defilement, shall be liable to life imprisonment with special provisions.

Article 192: Child defilement by a person having authority over the child

If child defilement is committed by his/her parent or guardian, a representative of the administrative authority, a representative of the religious authority, a security officer, a medical professional, a teacher, a trainee or any person who have abused his/her position or authority over a child, the offender shall be liable to life imprisonment with special provisions and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

Section 2 : Viol sur enfant

Article 190 : Définition du viol sur un enfant

Le viol sur un enfant désigne toute relation sexuelle ou toute pratique basée sur le sexe faite à l'enfant, quelle que soit sa forme et le moyen utilisé.

Article 191: Peine pour viol sur un enfant

Toute personne qui commet un viol sur un enfant, est passible d'un emprisonnement à perpétuité avec réclusion criminelle.

Article 192: Viol d'un enfant par une personne ayant autorité sur l'enfant

Si le viol sur un enfant a été commis soit par son parent ou la personne qui assure sa garde, soit par un représentant de l'autorité administrative, religieuse, par un agent de sécurité, par un professionnel médical, par un instituteur, par un stagiaire ou toute autre personne qui a abusé de ses fonctions ou de son autorité sur l'enfant, l'auteur est passible d'une peine de réclusion criminelle à perpétuité et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Ingingo ya 193: Gusambanya umwana bikamuviramo urupfu cyangwa indwara idakira

Iyo gusambanya umwana byamuviriyemo urupfu cyangwa byamuteye indwara idakira, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Ingingo ya 194: Kubana n'umwana nk'umugabo cyangwa umugore

Umuntu wese ubana cyangwa ugerageza kubana n'umwana nk'umugabo cyangwa nk'umugore, ahanwa kimwe n'uwasambanyije umwana.

Umuntu wese ubana cyangwa wagerageje kubana nk'umugabo cyangwa umugore n'umuntu ufite imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko ariko ataruzuzwa imyaka makumyabiri n'umwe (21), ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Article 193: Child defilement resulting in death or an incurable illness

If child defilement has resulted in death or incurable illness, the offender shall be liable to life imprisonment with special provisions and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

Article 194: Living together with a child as husband or wife

Any person who lives with or attempts to live together with a child as husband or wife shall be liable to the same penalty as a person who defiled a child.

Any person who lives with or attempts to live together with a person as husband or wife if the person has reached the age of eighteen (18) but has not reached the age of twenty one (21) years, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

Article 193: Viol sur enfant entraînant la mort ou une maladie incurable

Si le viol sur enfant a entraîné sa mort ou une maladie incurable, l'auteur est passible de la peine de réclusion criminelle à perpétuité et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Article 194: Vivre ensemble avec un enfant comme mari ou femme

Toute personne qui vit ensemble ou tente de vivre ensemble avec un enfant comme mari ou femme est passible de la même peine que celle prévue pour l'auteur du viol sur enfant.

Toute personne qui vit ensemble ou tente de vivre ensemble comme mari ou femme avec une personne âgée de dix-huit (18) ans mais n'ayant pas encore atteint l'âge de vingt et un (21) ans révolus, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Ingingo ya 195: Kugira uruhare mu gushyingira umuntu utarageza ku myaka y'ubukure cyangwa ku gahato

Umuntu wese ugira uruhare mu gushyingira umuntu utarageza ku myaka y'ubukure cyangwa ku gahato, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Icyiciro cya 3: Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato

Ingingo ya 196: Igisobanuro cyo gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato

Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato ni ugukoresha undi muntu imibonano mpuzabitsina nta bwumvikane bubayeho, hakoreshejwe imbaraga, iterabwoba cyangwa uburiganya.

Ingingo ya 197: Igihano cy'ukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato umuntu ufite nibura imyaka 18 y'amavuko

Umuntu wese ukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato umuntu ufite nibura

Article 195: Participating in early or forced marriage of a minor

Any person who plays a role in early or forced marriage of a minor shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

Section 3 : Rape

Article 196: Definition of rape

Rape means causing another person to engage in a non-consensual sexual intercourse by using force, threat or trickery.

Article 197: Penalty for rape on a person aged eighteen (18) years or above

Any person who rapes a person aged eighteen (18) years or above shall be liable to a term of

Article 195: Jouer un rôle dans le mariage précoce ou forcé d'un mineur

Toute personne qui joue un rôle dans le mariage d'une personne n'ayant pas encore atteint l'âge de la majorité ou la soumet au mariage forcé, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

Section 3 : Viol

Article 196: Définition du viol

Le viol est tout acte sexuel sur la personne d'autrui sans son consentement soit par violence, menace ou ruse.

Article 197: Peine pour viol commis sur une personne âgée de 18 ans au moins

Toute personne qui commet un viol sur une personne âgée de dix-huit (18) ans au moins

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7). imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years. est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

Iyo gufata ku ngufu byakozwe ku muntu ugeze mu zabukuru, ufite ubumuga cyangwa w'umurwayi, igihano kiba igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000). If rape is committed on an elderly person, a person with disability or a sick person, the penalty shall be a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs. Si le viol a été commis sur une personne âgée, une personne avec handicap ou malade, la peine est un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Iyo gufata ku ngufu byateye uwabikorewe uburwayi budakira, uwabikoze ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15). If rape results in an incurable disease for the victim, the offender shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years. Si le viol entraîne une maladie incurable pour la victime, l'auteur est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Iyo gufata ku ngufu byateye uwabikorewe urupfu, uwabikoze ahanishwa igifungo cya burundu. If rape results in the death of the victim, the offender shall be liable to life imprisonment. Si le viol entraîne la mort de la victime, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 198: Igisobanuro cyo gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato uwo bashyingiranywe

Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato uwo bashyingiranywe ni igikorwa cyose kigamije imibonano mpuzabitsina gikozwe n'umwe mu bashyingiranywe nta bwumvikane bubayeho, hakoreshejwe ingufu, iterabwoba cyangwa uburiganya.

Article 198: Definition of marital rape

Marital rape is any act of sexual intercourse committed by one spouse on the other by violence, threat or trickery.

Article 198: Définition du viol conjugal

Le viol conjugal est tout acte de relation sexuelle de quelque nature que ce soit, commis par l'un des époux sur la personne de l'autre, sans son consentement, par violence, menace ou ruse.

Ingingo ya 199: Igihano cy'ukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato uwo bashyingiranywe

Umuntu wese ukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato uwo bashyingiranywe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo icyo cyaha cyateye uburwayi busanzwe uwagikorewe, uwagikoze ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2).

Iyo icyo cyaha cyateye uwagikorewe uburwayi budakira, uwagikoze ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10).

Iyo icyo cyaha cyateye uwagikorewe urupfu, uwagikoze ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 200: Ikurikirana ry'icyaha cyo gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato uwo bashyingiranywe

Gukurikirana icyaha cyo gukoresha

Article 199: Penalty for marital rape

Any person who commits marital rape shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If marital rape results in an ordinary disease, the offender shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years.

If marital rape results in an incurable illness, the offender shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years.

If marital rape results in the death of the victim, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 200: Prosecution of marital rape

The prosecution of marital rape shall be

Article 199: Peine pour viol conjugal

Toute personne qui commet le viol conjugal est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si cette infraction entraîne une maladie ordinaire, l'auteur est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans.

Si cette infraction entraîne une maladie incurable, l'auteur est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans.

Si cette infraction entraîne la mort de la victime, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 200 : Poursuite du viol conjugal

La poursuite de l'infraction de viol conjugal

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

imibonano mpuzabitsina ku gahato ntibishobora kuba hatareze uwahemukiwe mu bashyingiranywe. instituted only upon complaint of the offended spouse. ne peut être engagée que sur plainte de l'époux offensé.

Uwahemukiwe ashobora gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba ruze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye. The offended spouse may, at any stage of the procedure, apply for the termination of the prosecution, when he/she withdraws his/her complaint. En cas de rétractation, l'époux offensé peut, à tous les degrés de la procédure, demander l'arrêt de la poursuite.

Uwahemukiwe ashobora kandi gusaba guhagarika irangiza ry'urubanza rwaciwe ku nyungu z'umuryango. The offended spouse may also demand that the execution of the judgment be terminated in the best interest of the family. L'époux offensé peut également faire arrêter l'exécution du jugement dans l'intérêt de la famille.

Ingingo ya 201: Ibihano bihabwa ukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato agambiriye kumwanduza **Article 201: Penalty for rape with intention to infect another person with an infection** **Article 201: Peine pour viol avec intention délibérée de contaminer autrui d'une infection**

Umuntu wese ukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato agambiriye kumwanduza indwara idakira, ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25). Any person who commits rape to deliberately infect another person with incurable infection, shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years. Toute personne qui commet le viol avec intention délibérée de contaminer une personne d'une infection incurable, est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt-cinq (25) ans.

Ingingo ya 202: Ibihano ku cyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikoresheje imiti, ibiyobyabwenge, amashusho, ibimenyetso, imvugo cyangwa inyandiko **Article 202: Penalties for the offence of gender-based violence committed by use of medical or narcotic drugs, pictures, signs, speeches and writings** **Article 202: Peines pour l'infraction de violence basée sur le genre commise par l'usage de produits pharmaceutiques, de stupéfiants, d'images, de signes, de langage ou d'écrits**

Umuntu wese ukoresha imiti, ibiyobyabwenge, amashusho, ibimenyetso, imvugo cyangwa inyandiko, agamije gukora Any person who uses medical products, narcotic drugs, pictures, signs, speeches or writings with intention to commit gender- Toute personne qui se sert de produits médicaux, de stupéfiants, d'images, de gestes, de langage ou d'écrits avec

ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 203: Guhoza uwo ukuriye ku nkeke ugamiye gukorana na we imibonano mpuzabitsina

Umukoresha cyangwa undi wese witwaza imirimo ashinzwe agahoza uwo akuriye mu kazi ku nkeke akoresheje amabwiriza, ibikangisho cyangwa iterabwoba agamiye kwishimisha bishingiye ku gitsina, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000).

Icyiciro cya 4: Uburaya

Akiciro ka mbere: Uburaya, ibitegekwa ukora uburaya n'ibihano mu gihe bitubahirijwe

Ingingo ya 204: Igisobanuro cy' uburaya

Uburaya ni ukugira umwuga igikorwa cyo

based violence, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000, 000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 203: Sexual harassment

An employer or any other person who sexually harasses his/her subordinate by way of orders, threats or terror for the purposes of his/her sexual pleasure shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to two hundred thousand (200,000) Rwandan francs.

Section 4: Prostitution

Sub-section : Obligations and penalties for failure to comply

Article 204: Definition of prostitution

Prostitution means involvement by either a

intention de commettre une violence basée sur le genre, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 203: Harcèlement sexuel

Un employeur ou toute autre personne qui abuse de ses fonctions pour harceler son subalterne par l'usage d'instructions, de menaces ou terreur avec intention de satisfaire ses besoins sexuels est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à deux cent mille (200.000) francs rwandais.

Section 4: Prostitution

Sous-section : Obligations et peines en cas de non respect de ces obligations

Article 204: Définition de la prostitution

La prostitution consiste en la profession de

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

guhuza ibitsina hatanzwe ikiguzi, byaba bikoze n'umugabo cyangwa umugore.

man or a woman in sex work as an occupation in exchange for consideration.

faire des rapports sexuels moyennant rémunération, qu'elle soit faite par un homme ou une femme.

Ingingo ya 205: Ibyo ukora uburaya ategukwa kubahiriza

Article 205: Obligations to be fulfilled by a prostitute

Article 205: Obligations auxquelles est soumis un prostitué

Umuntu wese ukora uburaya ategukwa kubahiriza mu gihe kitarenze umwaka umwe kimwe cyangwa byinshi mu bintu bikurikira:

Any person who engages in prostitution shall fulfill, for a period not exceeding one year, one or more of the following obligations:

Toute personne qui se livre à la prostitution est soumise, pour une durée ne dépassant pas une année, à l'une ou plusieurs obligations ci-après:

1° kutarenga imbibi zagenwe n'urukiko;

1° not to leave territorial limits determined by the Court;

1° ne pas dépasser des limites territoriales déterminées par la juridiction;

2° kudatarabukira ahantu havuzwe n'urukiko;

2° not to go to certain places determined by the court;

2° ne pas se rendre en certains lieux déterminés par la juridiction;

3° gufatirwa icyemezo cy'igenzura;

3° to be subjected to surveillance measures;

3° être soumis à des mesures de surveillance ;

4° kwivuza;

4° to seek medical treatment;

4° se faire soigner ;

5° kwitaba buri gihe inzego z'imirimo cyangwa z'ubuyobozi zagenwe n'Urukiko.

5° to periodically report to administrative services or authorities determined by the court.

5° se présenter périodiquement aux services ou autorités administratives désignées par la juridiction.

Umuntu unyuranya na kimwe mu bitegetswe mu duce kuva ku ka 1° kugeza ku ka 5° tw'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

A person who violates any of the obligations under items 1° to 5° of this Article, shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months.

Une personne qui viole l'une des obligations visées aux points 1° à 5° du présent article est punissable d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six mois (6).

Iyo umuntu wahanishijwe ibihano bivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo yongeye gufatirwa mu cyaha cy'uburaya, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ibihano biteganijwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ni nabyo bihabwa umuntu wese ufatirwa mu cyuho akorana imibonano mpuzabitsina n'indaya.

Akicro ka 2: Gushora mu buraya

Ingingo ya 206: Gushishikariza, koshya cyangwa kuyobya umuntu umushora mu buraya

Umuntu wese ushishikariza, woshya cyangwa uyobya undi muntu mukuru n'aho yaba yabyiyemereye ashaka kumushora mu buraya, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ibi bihano ni nabyo bihanishwa umuntu wese

If a person subsequently commits prostitution as provided under Paragraph 2 of this Article shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

The penalties under paragraph 2 of this Article shall also apply to any person caught having sexual intercourse with a prostitute.

Sub-section 2: Incitement to prostitution

Article 206: Encouraging, inciting or manipulating a person for the purpose of prostitution

Any person who encourages, incites or manipulates an adult, even with his/her consent, for the purpose of prostitution, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

The same penalties shall apply to any person

Lorsqu'une personne punie des peines prévues à l'alinéa 2 du présent article se livre encore à la prostitution, elle est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Les peines prévues à l'alinéa 2 du présent article s'appliquent également à toute personne surprise en flagrant délit de relations sexuelles avec un prostitué.

Sous-section 2: Incitation à la prostitution

Article 206: Encourager, inciter ou manipuler une personne en vue de la prostitution

Toute personne qui encourage, incite ou manipule une personne majeure même consentante en vue de la prostitution est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Les mêmes peines s'appliquent à toute

utungiyeye undi igikorwa cy'uburaya n'aho nyir'ugutungwa yaba abyemera.

Ingingo ya 207: Kubangamira igikorwa cyo gufasha kureka uburaya

Umuntu wese, akoresheje iterabwoba, agahato, uburiganya cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose, ubangamira igikorwa cyo gufasha kureka uburaya ababukora cyangwa ababugambiriye, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 208: Kumenyesha mu matangazo ko ufasha uburaya

Umuntu wese, ku buryo ubwo ari bwo bwose, umenyesha ko afasha ushaka kujya mu buraya, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

who keeps another for prostitution purposes, even with the consent of that person.

Article 207: Discouraging efforts to rehabilitate prostitutes

Any person who, by threats, pressure, trickery or any other means, discourages efforts to rehabilitate persons engaged in prostitution or in danger of becoming prostitutes shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 208: Advertisement for facilitation of prostitution

Any person who, by whatever means, announces that he/she facilitates prostitution shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years or a fine of two hundred thousand (200,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

personne qui héberge une autre aux fins de la prostitution même si cette dernière est consentante.

Article 207: Entrave à l'action de rééducation des personnes prostituées

Toute personne qui, par menace, contrainte, ruse ou par tout autre moyen, entrave l'initiative de rééducation des personnes prostituées ou en danger de prostitution est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 208: Publicité en vue de la facilitation de la prostitution

Toute personne qui, par quelque moyen que ce soit, annonce qu'elle facilite la prostitution est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Akiciro ka 3: Guhahisha uburaya

Ingingo ya 209: Kuyobora, gucunga umutungo cyangwa gushora imari mu mazu akorerwamo uburaya

Umuntu wese, abyikoreye ubwe cyangwa abinyujije ku wundi, uyobora, ucunga umutungo cyangwa ushura imari mu mazu akorerwamo uburaya, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikorewe abana, uwabikoze ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 210: Kugabana ibikomoka ku buraya

Umuntu wese, ugabana n'undi abizi, ku buryo ubwo ari bwo bwose, ibikomoka ku buraya, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva

Sub-section 3: Exploitation of the prostitution

Article 209: Running, managing or investing in a brothel

Any person who, directly or through an intermediary, runs, manages or invests in a brothel shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

If the acts referred to in Paragraph One of this Article are committed against children, the person found guilty shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 210: Sharing the proceeds of prostitution

Any person who, knowingly and in any form, shares the proceeds of the prostitution shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200,000) to one million

Sous-section 3: Exploitation de la prostitution

Article 209: Diriger, gérer ou investir dans les maisons de débauches

Toute personne qui, directement ou par personne interposée, dirige, gère les biens ou investit dans des maisons de débauches est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Si les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis sur des enfants, le coupable est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq million (5.000.000) de francs rwandais.

Article 210: Partage des produits de la prostitution

Toute personne qui, sciemment et sous une forme quelconque, partage les produits de la prostitution est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille

ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza (1,000,000) Rwandan francs or one of these (200.000) à un million (1.000.000) de francs kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa penalties. rwandais ou de l'une de ces peines kimwe gusa muri ibyo bihano. seulement.

Ingingo ya 211: Kubona umugabane ku biturutse ku buraya bw'umwana

Umuntu wese ubona umugabane ku biturutse ku buraya bw'umwana cyangwa uhabwa kandi akemera abizi imfashanyo azi ko yavuye mu buraya, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese ukoresha cyangwa wifashisha abana ngo abakoreshe mu bitaramo bigendereye kwamamaza uburaya cyangwa nk'imfashamatsiko ku byerekanwa ku bitsina, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 212: Gufasha, guhagarikira no kurengera uburaya

Umuntu wese, ku buryo ubwo ari bwo bwose, ufasha, uhagarikira cyangwa

Article 211: Sharing the proceeds of prostitution by a child

Any person who, knowingly, shares the proceeds of prostitution by a child or knowingly receives and accepts assistance from prostitution by a child shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Any person who uses or recruits children in entertainment events to advertise prostitution or demonstration in pornography shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 212: Aiding, abetting and protecting prostitution

Any person who, in any way, knowingly aids, abets or protects or solicits prostitution shall

Article 211: Partage des produits de la prostitution d'un enfant

Toute personne qui partage les produits de la prostitution d'un enfant ou qui, sciemment, reçoit et accepte des subsides issues de la prostitution est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui utilise ou recrute des enfants pour les utiliser dans les spectacles de publicité de la prostitution ou les faire servir dans la démonstration de pornographie est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 212: Aider, assister et protéger la prostitution

Toute personne qui, d'une manière quelconque, aide, assiste ou protège

urengera abizi uburaya bw'undi cyangwa ureshya abo ashaka gushyira mu buraya, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 213: Gutanga ahantu ho gukorera uburaya

Umuntu wese utanga abizi ahantu hose hakodeshwa hagakorerwa uburaya, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Akiciro ka 4: Impamvu nkomezacyaha

Ingingo ya 214: Impamvu nkomezacyaha ku cyaha gifitanye isano n'uburaya

Umuntu wese ukora icyaha gifitanye isano n'uburaya ahanishwa inshuro ebyiri (2) z'igifungo giteganyijwe, iyo habonetse impamvu zikurikira:

1° icyaha cyakozwe ku muntu

be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 213: Providing a facility for prostitution

Any person who knowingly provides any place for rent for the purpose of prostitution shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

Sub-section 4: Aggravating circumstances

Article 214: Aggravating circumstances for prostitution-related offence

The imprisonment penalty shall be doubled for any person who commits a prostitution-related offence in case any of the following circumstances has been established:

1° the offence is committed against a

sciemment la prostitution ou le racolage en vue de la prostitution est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 213: Fournir un local aux fins de la prostitution

Toute personne qui fournit sciemment un endroit quelconque à louer aux fins de la prostitution est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Sous-section 4: Circonstances aggravantes

Article 214: Circonstances aggravantes pour une infraction en rapport avec la prostitution

La peine d'emprisonnement prévue est portée au double pour toute personne qui commet une infraction en rapport avec la prostitution si l'une des circonstances suivantes est établie:

1° l'infraction est commise sur une

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

utabyemera;	non-consenting person;	personne non consentante;
2° icyaha cyakozwe ku bantu benshi;	2° the offence is committed against several persons;	2° l'infraction est commise sur plusieurs personnes;
3° umuntu washowe mu buraya akigera cyangwa akiva mu gihugu cyangwa washowe mu buraya akigera cyangwa akiva mu gace k'igihugu cye ajya mu kandi atazi mu minsi mike kuva aje cyangwa agiye;	3° the person against whom the offence is committed became involved in prostitution on arrival to or departure from the national territory or on departure from one part of his/her own country to another part of that same country unknown to him/her, a few days after arrival or departure;	3° la personne sur laquelle l'infraction est commise a été livrée à la prostitution dès son arrivée ou son départ du territoire national ou l'a été dès son départ d'une partie de son pays vers une partie de ce même pays qui lui est inconnue peu de jours après son arrivée ou son départ;
4° icyaha cyakozwe n'abantu benshi bagifatanyije ubwabo cyangwa bafatanyije n'ibitso byabo;	4° the offence is committed by many offenders, co-offenders or accomplices;	4° l'infraction est commise par plusieurs auteurs, coauteurs ou complices;
5° uwakoze icyaha yari atwaye intwara igaragara cyangwa ihishe;	5° the offender is carrying a visible or a concealed weapon ;	5° l'auteur de l'infraction est porteur d'une arme apparente ou cachée;
6° igihe icyaha cyakozwe n'uwo uwagikorewe akomokaho cyangwa undi wese bafitanye isano kugeza ku gisanira cya karindwi;	6° the offence is committed by an ascendant of the victim or any other relative up to the seventh degree of kinship;	6° l'infraction est commise par un ascendant de la victime ou tout autre personne ayant avec la victime un lien de parenté jusqu'au septième degré;
7° icyaha cyakozwe n'umuntu uyobora uwagikorewe;	7° the offence is committed by a person having authority over the victim;	7° l'infraction est commise par une personne qui a autorité sur la victime;
8° icyaha cyakozwe n'umukozi wo mu rugo rw'uwo yagikoreyeho;	8° the offence is committed by a domestic servant of the victim;	8° l'infraction est commise par un employé domestique de la victime;
9° icyaha cyakozwe n'ukora imirimo rusange igenewe abaturage cyangwa ababwirizabutumwa n'abihaye Imana.	9° the offence is committed by a public servant or a religious leader.	9° l'infraction est commise par un fonctionnaire public ou un ministre du culte.

Icyiciro cya 5: Ingingo rusange

Ingingo ya 215: Kutamenyekanisha ibyaha binyuranyije n'imyifatire myiza byakorewe umwana

Umuntu wese umenya ko ibyaha bivugwa muri uyu mutwe byakorewe umwana ntabimenyeshe inzego z'ubuyobozi cyangwa iz'umutekano, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Ingingo ya 216: Kwanga gutabara uwahohotewe cyangwa kwanga gutanga ubuhamya ku ihohoterwa

Umuntu wese wanga gutabara cyangwa gutabariza uwakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina, uwanze gutanga ubuhamya ku ihohoterwa ryakozwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Section 5: Common provisions

Article 215: Refusal to report offences of immorality committed against a child

Any person who becomes aware that the offences under this chapter were committed against a child and does not report them to authorities or security organs shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

Article 216: Refusal to assist a victim of violence or to testify on violence

Any person who refuses to assist or seek assistance for the victim of gender-based violence or to testify on violence shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

Section 5: Dispositions communes

Article 215: Refus de dénonciation des infractions d'attentat aux bonnes mœurs commises sur un enfant

Toute personne qui prend connaissance du fait que les infractions visées au présent chapitre ont été commises sur un enfant et qui ne les dénonce pas aux autorités ou aux organes de sécurité est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

Article 216: Non assistance à la victime de la violence ou refus de témoigner sur la violence

Toute personne qui refuse de porter secours ou de solliciter l'assistance pour la victime de la violence basée sur le genre ou refuse de témoigner sur la violence est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

UMUTWE WA VII: IBYAHA BIKORERWA UMURYANGO

Icyiciro cya mbere: Ibyaha bikorerwa abana n'abantu badashoboye kwirwanaho

Ingingo ya 217: Igisobanuro cy'umwana

Muri iri tegeko ngenga, umwana ni umuntu wese utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko uretse mu gihe andi mategeko abiteganyanya ukundi.

Ingingo ya 218: Kubabaza umwana bikabije, kumujubya cyangwa kumuha ibihano biremereye

Umuntu wese ubabaza umwana bikabije, umujubya cyangwa umuha ibihano biremereye cyangwa se bitesha agaciro, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Iyo kimwe mu byaha bivugwa mu gika kibanziriza iki kiviriyemo umwana ubumuga, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda

CHAPTER VII: OFFENCES AGAINST THE FAMILY

Section One: Offences against children and persons unable to protect themselves

Article 217: Definition of the child

For the purposes of this Organic Law, a child means every human being aged under eighteen (18) years unless otherwise provided by other laws.

Article 218: Inflicting severe suffering on a child, harassing or imposing severe punishments on him/her

Any person who inflicts severe suffering on a child, harasses or imposes severe or degrading punishments on him/her shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

If one of the offences under Paragraph One of this Article results in the child's disability, the penalty shall be a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of five hundred thousand

CHAPITRE VII: INFRACTIONS CONTRE LA FAMILLE

Section première: Infractions contre les enfants et les personnes incapables de se protéger elles-mêmes

Article 217: Définition de l'enfant

Aux fins de la présente loi organique, un enfant s'entend de tout être humain âgé de moins de dix-huit (18) ans à moins que d'autres lois n'en disposent autrement.

Article 218: Causer une souffrance grave à un enfant, le harceler ou lui infliger des sanctions sévères

Toute personne qui cause une souffrance grave à un enfant, le harcèle ou lui inflige des sanctions sévères ou dégradantes est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

Si l'une des infractions visées à l'alinéa premier du présent article entraîne une incapacité chez l'enfant la peine est portée à un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinq cent

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000). (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs. mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Iyo icyo cyaha kimuviriyemo urupfu, igihano kiba igifungo cya burundu. If the offence results in the death of the child, the penalty shall be life imprisonment. Lorsque l'infraction entraîne la mort de l'enfant, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 219: Guha umwana inzoga cyangwa itabi

Article 219: Offering alcoholic beverages or tobacco to a child

Article 219: Offrir des boissons alcoolisées ou du tabac à un enfant

Umuntu wese uha cyangwa ugurisha umwana inzoga cyangwa itabi, cyangwa umukoresha mu icuruzwa ryabyo, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who offers or sells alcoholic beverages or tobacco to a child or involves him/her in the sale of such products shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months and a fine of three hundred thousand (300,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Any person who accesses another person's computer system or other similar devices without authorisation, in order to know recorded or transmitted data, by all means and regardless of the location, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to

armée est passible d'un emprisonnement de huit (8) ans à dix (10) ans si les circonstances décrites ci-après sont réunies:

- 1° le vol est commis par plus d'une (1) personne;
- 2° l'arme qu'elle portait a été utilisée;
- 3° le vol est commis dans une maison habitée même temporairement ou ses dépendances ou utilisée pour d'autres fins.

Si le vol est commis par une bande organisée, il est punissable d'un emprisonnement à perpétuité.

Section 5: Vol à l'aide d'ordinateurs ou d'autres appareils assimilés

Article 306: Introduction dans un système informatique appartenant à autrui sans autorisation

Toute personne qui, où qu'il soit et par quelque moyen que ce soit et sans autorisation, s'introduit dans un système informatique appartenant à autrui ou dans d'autres appareils assimilés en vue de

kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 307: Gutwara ibintu biri muri za mudasobwa

Umuntu wese utwara ibintu byabitswe cyangwa byoherejwe muri za mudasobwa cyangwa ibindi byuma bishobora gukora nka zo, atari we byari bigenewe, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Ingingo ya 308: Guhindura cyangwa guhanagura ibintu by'undi biri muri mudasobwa

Umuntu wese, nta burenganzira abifitiye, uhindura cyangwa uhanagura abigambiriye ibintu byabitswe cyangwa byoherejwe hakoreshejwe za mudasobwa cyangwa ibindi byuma bishobora gukora nkazo cyangwa utuma ibyo bintu bidashobora gukoreshwa, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri

two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 307: Fraudulent withdrawal of electronic data

Any person who withdraws data stored or sent electronically or through any similar way, which is not meant for him/her, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

Article 308: Modifying or erasing electronic data of another person

Any person who, without authorisation, modifies or erases intentionally any recorded or transmitted data through computerised devices or any other similar systems, or makes it useless, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

connaître ce qui a été enregistré ou transmis est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 307: Soustraction de données électroniques

Toute personne qui soustrait des données enregistrées ou transmises électroniquement ou selon un mode similaire, qui ne lui étaient pas destinées, est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Article 308: Modification ou effacement des données électroniques d'autrui

Toute personne qui, sans autorisation, modifie ou efface intentionnellement, des données enregistrées ou transmises électroniquement ou selon un mode similaire, ou les met hors d'usage, est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions

miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Iyo ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingobyangirije uwabikorewe mu buryo bukabije, umucamanza ashobora kongera igihano cy'igifungo kikaba kuva ku myaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Ibihano bivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo, ni byo bihabwa uwinjije umugera muri mudasobwa y'undi cyangwa ibindi byuma bishobora gukora nka yo abigambiriye, iyo uwo mugera hari ibyo wangije.

Ingingo ya 309: Gukoresha ibintu biri muri za mudasobwa bitanga imitungo

Umuntu wese ufite uburenganzira bwo gukoresha ibintu, byabitswe cyangwa byoherejwe muri mudasobwa cyangwa ibindi bishobora gukora nkayo, akabikoresha abigambiriye mu buryo butari bwo, butuzuye cyangwa akitabaza uburyo bumeze nka bwo, akiha umutungo, akawuhisha cyangwa akawuha undi muntu utawufitiye uburenganzira, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

If acts mentioned in Paragraph One of this Article result in considerable damage to the victim, the judge may increase the term of imprisonment which shall be five (5) years to seven (7) years.

Penalties under paragraph 2 of this Article apply to any person, who introduces intentionally a virus into another person's computer or similar devices if such virus causes damage.

Article 309: Using electronic data for granting property

Any person, with authorization to use data recorded or transmitted through computerised devices, or by any other similar systems, intentionally uses them in incorrect, incomplete or resorts to a comparable procedure and gets or hides the property or passes it on to any unauthorized person, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of three million (3,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

(5.000.000) de francs rwandais.

Si les actes visés à l'alinéa premier du présent article ont causé un dommage considérable à la victime, le juge peut élever la peine d'emprisonnement qui devient cinq (5) ans à sept (7) ans.

Les peines prévues à l'alinéa 2 du présent article s'appliquent à toute personne qui introduit intentionnellement un virus dans un ordinateur ou un appareil assimilé appartenant à autrui si ce virus cause des dommages.

Article 309: Utilisation de données électroniques qui procurent des actifs

Toute personne qui, avec autorisation d'utiliser les données enregistrées ou transmises électroniquement ou selon un mode similaire, utilise des données de manière incorrecte, incomplète, ou recourt à un procédé analogue et obtient intentionnellement un transfert d'actif, dissimule ou provoque ce transfert au profit d'une autre personne qui n'en a pas le droit est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de trois millions (3.000.000) à cinq millions

Umuntu wese udafite uburenganzira bwo gukoresha ibintu, byabitswe cyangwa byoherejwe muri mudasobwa cyangwa ibindi bishobora gukora nkazo, akabikoresha abigambiriye mu buryo butari bwo cyangwa butuzuye akiha umutungo, akawuhisha cyangwa akawuha undi muntu utawufitiye uburenganzira, ahanishwa ibihano byavuzwe mu gikacya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 310: Gukoresha mu buriganya uburyo bukoreshwa mu kwishyura

Umuntu wese ukoresha ikarita imuhesha amafaranga cyangwa uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kwishyura bumeze nkabwo, adafite ubwishyu cyangwa se akanga gusubiza ibyo yabonye atabikwiye, bityo akabangamira inyungu z'ikigo cyayimuhaye kandi bigaragara ko cyari cyarafashe ingamba kugira ngo ikarita idakoreshe mu buryo butari bwo, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Mu gihe cy'isubiracyaha, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe

Any person, without a right to utilize any data recorded or transmitted through computerised devices, or any other similar systems, who intentionally uses them in an incorrect or incomplete way and gets or hides the property or pass it to any unauthorized person, shall be liable to the penalties set forth in Paragraph One of this Article.

Article 310: Fraudulent use of payment system

Any person who uses a credit card or any other similar means of payment while insolvent, or refuses to reimburse what was unduly obtained, and results in detrimental to the interest of the institution, while the institution had taken security measures to avoid the wrong use of the card, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of two million (2,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

In the case of recidivism, the penalty shall be a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of one million (1,000,000) to six million (6,000,000)

(5.000.000) de francs rwandais.

Toute personne qui n'a pas le droit d'utiliser les données enregistrées ou transmises électroniquement ou selon un mode similaire, utilise intentionnellement des données de manière incorrecte ou incomplète et obtient un transfert d'actif, dissimule ou provoque ce transfert au profit d'une autre personne qui n'en a pas le droit, est passible des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

Article 310: Utilisation frauduleuse des moyens de paiement

Toute personne qui, quoique insolvable, utilise une carte de crédit ou tout moyen de paiement analogue ou refuse de rendre ce qu'il a obtenu indûment et ainsi porte atteinte aux intérêts de l'institution qui la lui a délivrée, alors que l'institution avait pris les mesures de sécurité pour éviter l'abus de la carte, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

En cas de récidive, la peine est portée à un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende d'un million

(1.000.000) kugeza kuri miliyoni esheshatu (6.000.000). Rwandan francs.

Ingingo ya 311: Kumenya mu buryo bw'uburiganya imikoreshereze y'ibikoresho by'ikoranabuhanga

Umuntu wese ukora, utumiza cyangwa woheraza mu mahanga, porogaramu cyangwa ubundi buryo bwose butuma amenya cyangwa abantu bamenya ku buryo bw'uburiganya imikoreshereze y'ibikoresho by'ikoranabuhanga, ibanga ry'imikoreshereze ya za televiziyo cyangwa iry'imiyoboro y'itumanaho, akabikoresha ku giti cye cyangwa akabisakaza, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Mu gihe cy'isubiracyaha, ukoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka itandatu (6) kugeza ku umunani (8) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni esheshatu (6.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Article 311: Fraudulent decoding of electronic devices

Any person who makes, imports or exports software or any other comparable systems which enable him/her or other persons to fraudulently use information and communication technology, the secrecy of television or a communication network and uses them privately or disseminates them, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of three million (3,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

In case of recidivism, the offender shall be liable to a term of imprisonment of six (6) years to eight (8) years and a fine of six million (6,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

(1.000.000) à six millions (6.000.000) de francs rwandais.

Article 311: Décodage frauduleux de l'utilisation des appareils informatiques

Toute personne qui fabrique, importe ou exporte des programmes ou tout autre moyen servant à décoder frauduleusement l'utilisation des appareils de technologie de l'information et de la communication, le mot de passe pour l'emploi des télévisions ou des réseaux de communication, et qui l'utilise personnellement ou le divulgue, est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de trois millions (3.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

En cas de récidive, le coupable est passible d'un emprisonnement de six (6) ans à huit (8) ans et d'une amende de six millions (6.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 312 Kwinjira no kuguma muri mudasobwa y'undi mu buriganya

Umuntu wese winjira kandi akaguma, mu buryo bw'uburiganya, mu mikoreshereze ya mudasobwa y'undi cyangwa ibindi bishobora gukora nkayo, agambiriye kumenya ibyabitswemo cyangwa ibyoherejwemo, akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose, aho aba ari hose, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byatumye ibyabitswe cyangwa ibyoherejwe muri mudasobwa bivamo cyangwa bihinduka, uwabikoze ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni esheshatu (6.000.000).

Ingingo ya 313: Kubuza cyangwa kuyobya imikoreshereze ya za mudasobwa

Umuntu wese ubuza cyangwa uyobya imikoreshereze ya mudasobwa cyangwa

Article 312: Access and continuous fraudulent use of electronic data of another person

Any person who, fraudulently and in any way, accesses and remains in another person's automated data processing system or similar systems with intent to find out electronically stored or transmitted data, regardless of the location, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

If the acts mentioned under Paragraph One of this Article delete or modify recorded or forwarded data, the offender shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of two million (2,000,000) to six million (6,000,000) Rwandan francs.

Article 313: Preventing or misguiding automated data processing system

Any person who prevents or misguides the running of automated data processing system

Article 312: Accéder et se maintenir dans un système de traitement automatisé d'autrui

Toute personne qui accède ou se maintient frauduleusement dans un système de traitement automatisé de données d'autrui ou selon un mode similaire, en vue de connaître ce qui y est enregistré ou transmis électroniquement, au moyen d'un dispositif de transmission de données, partout où il est, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article causent la suppression ou la modification de données enregistrées ou transmises dans le système, l'auteur est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à six millions (6.000.000) de francs rwandais.

Article 313: Entraver ou fausser le fonctionnement d'un système de traitement automatisé

Toute personne qui entrave ou fausse le

ibindi bishobora gukora nka yo by'undi muntu, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Mu gihe iyo mudasobwa cyangwa ibindi bishobora gukora nka yo, ari iby'urwego rwa Leta cyangwa urundi rwego urwo ari rwo rwose, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 314: Kwinjiza mu buryo bw'uburiganya ibikorwa na za porogaramu muri za mudasobwa

Umuntu wese winjiza mu buryo bw'uburiganya ibikorwa na za porogaramu muri mudasobwa cyangwa ibindi bishobora gukora nka yo, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

or other similar system of another person shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

The offender shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs, if the automated data processing system or any similar system belongs to a State organ or to any other organ.

Article 314: Fraudulent introduction of data and software in a computer system

Any person who fraudulently introduces data and software in a computer system or any similar devices, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of three hundred thousand (300,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

fonctionnement d'un système de traitement automatisé de données ou d'autres systèmes similaires appartenant à autrui, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Lorsque le système de traitement automatisé de données ou tout autre système similaire appartient à un organe de l'Etat ou à tout autre organe, l'auteur est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 314: Introduction frauduleuse des données et programmes dans un système de traitement automatisé

Toute personne qui introduit frauduleusement des données et des programmes dans un système de traitement automatisé ou dans d'autres systèmes similaires, est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de trois cent mille (300.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Ingingo ya 315: Ikurikiranwa ry'ibyaha bivugwa mu ngingo ya 312 n'ya 313 z'iri tegeko ngenga

Ibyaha bivugwa mu ngingo ya 312 n'ya 313 z'iri tegeko ngenga ntibishobora gukurikiranwa bitaregewe n'uwakorewe icyaha.

Icyiciro cya 6: Ubwambuzi bukoreshajwe kiboko cyangwa agahato, ibikangisho, kumena ibanga cyangwa imvugo itesheje agaciro

Ingingo ya 316: Ubwambuzi bukoreshajwe kiboko cyangwa agahato

Umuntu wese ukora ubwambuzi akoresheje kiboko cyangwa agahato agasinyisha undi, akamuteza igikumwe cyangwa agahabwa inyandiko iyo ari yo yose irimo cyangwa iturukaho umwenda, uburonge cyangwa ubwishyu, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Article 315: Legal action for offences under Articles 312 and 313 of this Organic Law

Legal action for the offences under Articles 312 and 313 of this Organic Law shall only be taken after a complaint of the offended person.

Section 6: Extortion by violence or constraint, threats, disclosure of secrecy or defamation

Article 316: Extortion by violence or constraint

Any person who obtains a signature, fingerprints, or handover of any document in connection with or containing a debt, transfer or discharge by violence or constraint shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

Article 315: Action publique contre des infractions prévues aux articles 312 et 313 de la présente loi organique

L'action publique contre des infractions prévues aux articles 312 et 313 de la présente loi organique ne peut être exercée que sur la plainte de la victime.

Section 6: Extorsion à l'aide de violence ou de contrainte, menace, violation de secret ou diffamation

Article 316: Extorsion à l'aide de violence ou de contrainte

Toute personne qui obtient par violence ou contrainte, la signature ou l'empreinte digitale, la remise d'un document quelconque contenant ou opérant obligation, disposition ou décharge, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 317: Ubwambuzi bukoreshajwe igikangisho cyanditse cyangwa kitanditse, kumena ibanga cyangwa imvugo itesheje agaciro

Umuntu wese ukoresha igikangisho cyanditse cyangwa cyo mu magambo, kumena ibanga cyangwa imvugo ku wundi itesheje agaciro, agasaba cyangwa akambura amafaranga, ibiyavunja, agasinyisha undi cyangwa agahabwa inyandiko iturukaho umwenda, indonke cyangwa ubwishyu, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Icyiciro cya 7: Ubwambuzi bushukana n'ububeshyi

Ingingo ya 318: Kwambura ikintu cy'undi hakoreshejwe amayeri

Umuntu wese, abigiriye kwambura ikintu icyo ari cyo cyose cy'undi, agatuma bakimuha ari uko akoresheje amayeri y'ubwambuzi, wiyitirira amazina atari yo cyangwa imirimo adafitiye ububasha cyangwa agira ngo yizeze icyiza cyangwa atinyishe ko hari ikizaba kibi maze akambura undi imari ye yose cyangwa igice cyayo, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3)

Article 317: Extortion by verbal or written threats, disclosure of secret or defamation

Any person who uses verbal or written threats, disclosure of secret or defamation with respect to another in order to obtain money or cash value effects, a signature or handover of any document in connection with or containing a debt, transfer or discharge, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Section 7: Fraud and deceit

Article 318: Obtaining the property of another person by fraud

Any person who, intentionally obtains a property belonging to another person fraudulently or by using false names or qualities, to give rise to hope or fear of harm and obtains a part or whole of a fortune shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of three million (3,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 317: Extorsion à l'aide d'une menace écrite ou verbale, violation d'un secret ou une diffamation

Toute personne qui, à l'aide de menace écrite ou verbale, de violation d'un secret, ou de diffamations, obtient d'autrui soit la remise de fonds ou valeur, soit la signature ou la remise d'un écrit opérant obligation, disposition ou décharge, est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Section 7: Escroquerie et tromperie

Article 318: Appropriation frauduleuse d'une chose d'autrui

Toute personne qui, dans le but de s'approprier une chose quelconque appartenant à autrui, se fait remettre cette dernière, soit en faisant usage de faux noms ou de fausses qualités, ou pour faire naître l'espérance, ou la crainte d'un mal à survenir et escroque tout ou partie de la fortune d'autrui, est passible d'un

kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Iyo icyo cyaha cyakozwe n'umuntu kugira ngo atange impapuro z'inyemezamigabane, z'inyemezamyenda, inyandiko zigereranywa n'amafaranga, imigabane cyangwa indi nyandiko yose ifite agaciro k'ifaranga ari ibya sosiyete, ari iby'ubucuruzi cyangwa iby'inganda, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Mu gihe ibyaha biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umwe mu bashyingiranywe, uwabitwaye ategukwa kubisubiza.

Ingingo ya 319: Kubeshya umuntu mwagiranye amasezerano

Umuntu wese ubeshya uwo bakoranye amasezerano:

1° ku mwimerere, ku miterere y'ingenzi cyangwa ku bigize ibicuruzwa;

If a person commits an offence with intention to deliver share credentials, bonds, vouchers, shares, or any other cash value, relating to a company, business or industry, he/she shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

If the offences under Paragraph One of this Article are committed by either of the spouses, restitution shall be ordered.

Article 319: Deceiving in a contract

Any person who deceives a contracting party:

1° on the nature, the substantial quality or composition of all merchandise;

emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de trois millions (3.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Si l'infraction est commise par une personne ayant fait appel au public en vue de l'émission d'actions, d'obligations, de bons, de parts ou de titres quelconques, soit d'une société, soit d'une entreprise commerciale ou industrielle, la peine est portée à un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Lorsque les infractions visées à l'alinéa premier du présent article sont commises par l'un des conjoints, le conjoint qui s'est approprié la chose est condamné à la restituer.

Article 319: Tromper le contractant

Toute personne qui trompe le contractant:

1° sur la nature, les qualités substantielles, ou la composition de

2° ku bwoko cyangwa inkomoko byitiriwe by'ikinyoma ibicuruzwa, iyo byabaye impamvu y'ingenzi yatumye bitangwa cyangwa bigurwa;

3° ku ngano cyangwa ku biranga ibyaguzwe, atanga ikindi kintu mu mwanya w'icyemeranyijweho;

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 320: Kubeshya uwo mwakoranye amasezerano ku miterere y'umurimo wakozwe

Umuntu wese, ku bw'uburiganya, ubeshya uwo bagiranye amasezerano y'umurimo, ku miterere cyangwa ku ngano y'umurimo wakozwe, ahanishwa ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 319 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 321: Kwaka ikitari bwishyurwe

Umuntu wese uzi neza ko adashobora

2° on the kind or origin of the items, in case this was the main cause of their delivery or sale;

3° on the quantity or identity of the purchases, by delivery of an item in place of the one agreed upon;

shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 320: Deceiving in a contract on the quality of the executed work

Any person who, by fraudulent means, deceives the contracting party to a work agreement, on the quality or quantity of the executed work shall be liable to the penalties under Article 319 of this Organic Law.

Article 321: Non payment of bills

Any person who knows that he/she is unable

toutes marchandises;

2° sur l'espèce ou l'origine de la chose vendue, lorsque la désignation de l'espèce ou de l'origine faussement attribuée à la marchandise a été la cause déterminante de leur livraison ou vente;

3° sur la quantité ou l'identité des choses achetées, en livrant une marchandise autre que la chose déterminée qui a fait l'objet du contrat;

est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille (200.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 320: Tromper le contractant sur la qualité du service fourni

Toute personne qui, par des manœuvres frauduleuses, trompe la partie engagée dans un contrat de louage de service, soit sur la qualité ou la quantité du service fourni est passible des peines prévues à l'article 319 de la présente loi organique.

Article 321: Grivèlerie

kwishyura, akaka mu kigo kibicuruza, ibyo anywa, aryana, icumbi, agakodesha ikinyabiziga cyangwa akaka amavuta yacyo n'ibindi bintu byose yakwaka ntibibe bicyongeye gukoreshwa cyangwa gusubizwa, ahanishwa igifungo kuva ku minsi umunani (8) kugeza ku mezi abiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'ikintu cyatswe n'icyishyurwe cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ibyaha biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibishobora gukurikiranwa bitaregewe n'uwambuwe.

Ubwishyu bw'ibyatwawe n'ubw'amagarama y'urubanza bitanzwe n'uwarezwe cyangwa ukureka ikirego k'uwazeze bikuraho ikurikiranacyaha.

Icyiciro cya 8: Ubuhemu no kubonerana undi kubera intege nke

Ingingo ya 322: Ihanwa ry'icyaha cy'ubuhemu

Umuntu wese ukoresha uburiganya bwo kwihesha cyangwa gutagaguza, yangiriza undi, ibintu ibyo ari byo byose yarindishijwe kandi agomba kubisubiza cyangwa

to pay orders food or drinks in a commercial place, or lodge, or hires a motor vehicle or orders fuel and any other items which cannot be reused or returned to the seller, shall be liable to a term of imprisonment of eight (8) days to two (2) months and a fine of twice (2) to ten (10) times the value of the ordered item, or one of these penalties.

The offences under Paragraph One of this Article shall only result in legal action if the aggrieved party complains.

Payment of the price and court costs by the respondent or withdrawal of the case by the complainant terminates the criminal action.

Section 8: Breach of trust and vulnerability of a person

Article 322: Penalty for breach of trust

Any person who fraudulently obtains or squanders any property to the detriment of another person or any property entrusted to him/her meant for restitution to the owner or

Toute personne qui, sachant qu'il est dans l'impossibilité de payer, se fait servir, dans un établissement, des boissons ou des aliments, un logement, ou prend en location un automobile, ou se fait servir des carburants ou lubrifiants dont il le fait remplir, ou toutes autres choses qui se détruisent par usage ou qui ne peuvent être remises, est passible d'un emprisonnement de huit (8) jours à deux (2) mois et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois la valeur de la chose sur laquelle a porté la grivèlerie, ou de l'une de ces peines seulement.

Les infractions prévues à l'alinéa premier du présent article ne peuvent être poursuivies que sur plainte de la victime.

Le paiement du prix et des frais d'instance avancés par le prévenu ou le désistement de la victime éteint l'action publique.

Section 8: Abus de confiance et abus des faiblesses d'autrui

Article 322: Peine pour abus de confiance

Toute personne qui, frauduleusement, se procure ou dissipe, au préjudice d'autrui une chose quelconque qui lui a été confiée à

kubikoresha umurimo abwiwe, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Mu gihe ibyaha biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikoze n'umwe mu bashyingiranywe, ategukwa gusubiza ibyo yari yarindishijwe.

Ingingo ya 323: Kugurisha ikintu cy'undi cyangwa kugitangaho ingwate

Umuntu wese ugurisha cyangwa utangaho ingwate ikintu kitimukanwa cyangwa kimukanwa azi ko atari icye, ahanishwa ibihano biri mu gika cya mbere cy'ingingo ya 322 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 324: Kubonerana undi kubera intege nke

Umuntu wese ubonerana undi, kubera intege nke, irari, ubukene cyangwa ubujiji bwe, akamukoresha, abyigiriye cyangwa abigiriye undi, amasezerano y'urwunguko cyangwa y'indi yezandonke birengeje urwunguko rusanze, ashingiye ku mwenda amuhaye,

for intended use, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

If the offences under Paragraph One of this Article are committed by one of the spouses, he/she shall be ordered to reconstitute the property entrusted to him/her.

Article 323: Selling or pledging as a security a property belonging to another person

Any person who sells or pledges as a security immovable or movable property with full knowledge that it does not belong to him/her, shall be liable to the penalty under Paragraph One of Article 322 of this Organic Law.

Article 324: Abuse of a person due vulnerability

Any person who abuses another person due of his/her weaknesses, passions, needs or ignorance to obtain, for his/her own interest or that of a third party, an interest or any advantage exceeding the normal interest in a contract or any contract giving him/her

charge de la remettre ou d'en faire un usage ou un emploi déterminé est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Lorsque les infractions prévues à l'alinéa premier du présent article sont commises par l'un des époux, l'auteur est ordonné de restituer les biens qu'on lui a confiés.

Article 323: Vendre ou donner en garantie un bien appartenant à autrui

Toute personne qui vend ou donne en garantie un bien immeuble ou meuble sachant qu'il ne lui appartient pas, est passible des peines prévues à l'alinéa premier de l'article 322 de la présente loi organique.

Article 324: Abuser des faiblesses d'autrui

Toute personne qui, abusant des faiblesses, des passions, de la pauvreté ou de l'ignorance d'une autre personne, se fait, promettre pour lui-même ou pour autrui, un intérêt ou d'autres avantages excédant

cyangwa ku masezerano yandi arebana n'umutungo utimukanwa cyangwa wimukanwa amuhaye, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Icyiciro cya 9: Kurigisa cyangwa konona umutungo

Ingingo ya 325: Ihanwa ry'icyaha cyo kurigisa cyangwa konona umutungo

Umukozi wese:

1° urigisa umutungo, amafaranga, impapuro zivunjwa amafaranga, ibyemezo by'imari n'inyandiko bya Leta cyangwa bitari ibya Leta cyangwa ibintu byimukanwa by'undi yabikijwe ku bw'umurimo ashinzwe;

2° wonona cyangwa urigisa, akoresheje uburiganya, impapuro zifite agaciro k'imari, yabikijwe cyangwa yahawe ku bw'umurimo ashinzwe;

ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu

immovable or movable property, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Section 9: Embezzlement or destruction of property

Article 325: Penalty for embezzlement or destruction of property

Any employee who:

1° embezzles public or private property, funds, negotiable instruments, documents, or movable property which are entrusted to him/her, by virtue of his/her office;

2° fraudulently destroys or embezzles negotiable instruments under his/her care or which have been communicated to him/her by virtue of his/her office;

shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of

manifestement l'intérêt normal, en raison d'une opération de crédit, d'un contrat de prêt ou de tout autre contrat indiquant une remise de valeur mobilière ou immobilière, quelle que soit la forme apparente du contrat est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Section 9: Détournement ou destruction des biens

Article 325: Peine pour détournement ou destruction des biens

Tout employé qui:

1° détourne le patrimoine ou deniers publics ou privés, des effets en tenant lieu, des titres, des pièces, des objets mobiliers d'autrui qui étaient entre ses mains, soit en vertu de sa mission, soit à raison de ses fonctions ;

2° détruit ou détourne frauduleusement des titres dont il était dépositaire en sa qualité ou qui lui ont été confiés à raison de ses fonctions ;

est passible d'un emprisonnement de sept (7)

y'amafaranga yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'umutungo warigishijwe cyangwa wononwe.

Icyiciro cya 10: Guhisha ibintu bikomoka ku cyaha, ibyagikoreshejwe cyangwa ibyagenewe kugikoresha

Ingingo ya 326: Guhisha ibintu bikomoka ku cyaha

Umuntu wese uhisha, abizi, ibintu cyangwa igice cyabyo, byambuwe, byarigishijwe cyangwa bikomoka ku cyaha kitari icy'ubugome, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'ibyahishwe cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese uhisha, abizi, ibintu bikomoka ku cyaha cy'ubugome, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshanu (5) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'ibyahishwe.

Umuntu wese, ubizi, ubona inyungu, ku buryo ubwo ari bwo bwose, ituruka ku kintu

two (2) to five (5) times the value of the embezzled or destroyed property.

Section 10: Concealment of objects obtained from an offence, used or meant to commit an offence

Article 326: Concealment of objects obtained from an offence

Any person who knowingly conceals in all or in part extorted or embezzled objects, or objects obtained from an offence other than a felony, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two (2) to ten (10) times the value of the concealed goods or one of these penalties.

Any person who knowingly conceals objects obtained from a felony, shall be liable to imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of five (5) to ten (10) times the value of the concealed goods, or one of these penalties.

Any person who knowingly gets profits from a concealed object obtained from an offence

ans à dix (10) ans et d'une amende de deux (2) fois à cinq (5) fois la valeur des biens détournés ou détruits.

Section 10: Recel d'objets obtenus à l'aide d'une infraction, ayant servi ou devant servir à commettre une infraction

Article 326: Recel d'objets obtenus à l'aide d'une infraction

Toute personne qui, sciemment, recèle en tout ou en partie les choses extorquées, détournées ou obtenues au moyen d'une infraction autre qu'un crime est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois la valeur de la chose recelée ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui, sciemment, recèle les objets obtenus à l'aide d'un crime, est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq (5) à dix (10) fois la valeur de la chose recelée ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui, sciemment, réalise, par

cyahishwe gikomoka ku cyaha kitari icy'ubugome, ahanishwa ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Umuntu wese ubona, abizi, inyungu ituruka ku kintu cyahishwe gikomoka ku cyaha cy'ubugome, ahanishwa ibihano biteganywa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo.

Ingingo va 327: Guhisha ibintu byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoreshwa icyaha

Umuntu wese, uretse nyir'ugukora icyaha cyangwa icyitso cye:

- 1° uhisha, abizi, ikintu cyangwa ibikoresho byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoreshwa icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye cyangwa se ibintu, ibikoresho cyangwa inyandiko byabonetse bikomotse ku cyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye;
- 2° wiba, uhisha, uhindura cyangwa wonona nkana ku buryo ubwo ari bwo bwose ibintu byagombye gufasha kugenza icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, gutahura

other than a felony shall be liable to the penalties under Paragraph One of this Article.

Any person who knowingly gets profits from a concealed object obtained from a crime shall be liable to the penalties under Paragraph 2 of this Article.

Article 327: Concealing objects which were used or meant to commit an offence

Any person, apart from an offender or his/her accomplice who:

- 1° knowingly conceals any object or tools which was used or meant to commit a crime or a misdemeanour, tools or documents obtained from a crime or misdemeanour;
- 2° steals, conceals, alters or willfully destroys by any means objects which would facilitate the prosecution of a crime or misdemeanour, identification of evidence or punishment of the

n'importe quel moyen, un profit quelconque, généré par un bien recelé obtenu au moyen d'une infraction autre qu'un crime, est passible des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

Toute personne qui, sciemment réalise, par n'importe quel moyen, un profit quelconque généré par un bien recelé obtenu au moyen d'un crime est passible des peines prévues à l'alinéa 2 du présent article.

Article 327: Recel d'objets ayant servi ou devant servir à commettre une infraction

Toute personne, exception faite de l'auteur de l'infraction ou de son complice, qui:

- 1° sciemment, recèle une chose ou des objets ayant servi ou devant servir à commettre un crime ou un délit, une chose ou des objets ou des documents obtenus au moyen d'un crime ou d'un délit;
- 2° vole, recèle, falsifie ou détruit sciemment, par tout moyen, les objets devant servir à la poursuite d'un crime ou d'un délit, à l'identification

ibimenyetso cyangwa guhana
abakoze icyaha;

offender;

des preuves ou à la répression des
auteurs;

ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).

shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two millions (2,000,000) Rwandan francs.

est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais.

Icyiciro cya 11: Gutoragura ikintu ntugisubize

Section 11: Keeping a found item

Ingingo ya 328: Kubika ku bw'uburiganya ikintu cy'undi watoraguye

Article 328: Fraudulent keeping of another person's found item

Umuntu wese utoragura ikintu cy'undi cyimukanwa cyangwa wakibonye ku buryo bumugwiririyeye, akagihamana ku bwende cyangwa akagiha abatari bene cyo k'ubw'uburiganya, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'icyatoraguwe cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who, after finding or accidentally obtaining movable property belonging to another person, intentionally keeps it or fraudulently delivers it to another person, shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of twice (2) years to ten (10) times the value of the found property or one of these penalties.

Section 11: Recel d'un bien trouvé

Article 328: Détenir frauduleusement un bien trouvé appartenant à autrui

Toute personne qui trouve ou obtient par hasard une chose mobilière appartenant à autrui et qui la conserve intentionnellement ou la donne frauduleusement à des tiers, est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de deux (2) ans à dix (10) fois la valeur de la chose trouvée ou de l'une de ces peines seulement.

Icyiciro cya 12: Ingingo zihariye

Ingingo ya 329: Kwigana cyangwa guhindura imfunguzo

Umuntu wese, mu buryo bw'uburiganya, wigana cyangwa uhindura imfunguzo, cyangwa ukoresha urufunguzo rufungura hose, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo uwakoze icyaha ari umunyamwuga wo gukora amaserire, imfunguzo cyangwa ibindi byose bishobora gufungura, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Ingingo ya 330: Gutwara ikintu cy'umwihariko cy'umwe mu bashyingiranywe

Iyo umwe mu bashyingiranywe ku buryo bw'ivangamutungo rusange atwaye ikintu cy'umwihariko cy'uwo bashyingiranywe, ahanishwa gusubiza icyo yatwaye.

Section 12: Special provisions

Article 329: Counterfeiting or alteration of keys

Any person who, fraudulently, forges or alters keys or uses a master key shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If the offender is a locksmith, he/she shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

Article 330: Appropriating a spouse's personal belonging

If one of the spouses married under the community property regime appropriates a personal belonging of the other spouse, he/she restitution of the appropriated belonging shall

Section 12: Dispositions particulières

Article 329: Contrefaçon ou altération des clés

Toute personne qui, frauduleusement, contrefait ou altère des clefs ou utilise une clé passe - partout, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si l'auteur est serrurier de profession, il est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Article 330: S'approprier d'un bien personnel du conjoint

Lorsque l'un des conjoints mariés sous le régime de la communauté des biens s'approprie un bien personnel de son

	be ordered.		conjoint, il est condamné à la restitution du bien dont il s'est approprié.
Icyo cyaha ntigishobora gukurikiranwa kitaregewe n'uwagikorewe.	Legal action for such an offence shall only be taken after a complaint by the complainant.		La poursuite pour cette infraction ne peut être exercée que sur la plainte de la victime.
<u>Ingingo va 331: Kwangiza cyangwa kurigisa nkana ibyafatiriwe cyangwa ibyanyazwe</u>	<u>Article 331: Intentional destruction or appropriation of seized or confiscated property</u>	<u>Article 331: Destruction ou détournement intentionnel des objets saisis ou confisqués</u>	
Umuntu wese ushinzwe kurinda cyangwa undi wese urigisa, wonona cyangwa wangiza nkana ibyafatiriwe cyangwa ibyanyazwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) no gusubiza ibihwanye n'agaciro k'icyangijwe cyangwa icyarigishijwe.	Any custodian or person who intentionally appropriates, damages or destroys confiscated or seized property, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and ordered restitution of the value equal to that of the damaged or appropriated property.	Le gardien ou toute autre personne qui détourne, endommage ou détruit intentionnellement des objets saisis ou confisqués est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et est condamné à la restitution de la valeur équivalente à celle du bien endommagé ou détourné.	
Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ni nabyo bihanishwa urimo umwenda, uwagujije cyangwa undi muntu wese watanze ingwate, wangije cyangwa warigishije ibintu yatanzeho ingwate.	The penalties under Paragraph One of this Article shall also apply to any debtor, borrower or any other pledger who destroys or appropriates property pledged as a security.	Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article sont également applicables à tout débiteur, emprunteur ou tiers donneur de gage qui détruit ou détourne les objets qu'il a donnés à titre de gage.	
<u>Ingingo va 332: Kwiba ikinyabiziga hagamijwe kukigurisha mu kindi gihugu</u>	<u>Article 332: Theft of a motor vehicle for the purpose of selling it in a foreign country</u>	<u>Article 332: Vol d'une automobile en vue de la vendre dans un autre pays</u>	
Umuntu wese wiba ikinyabiziga mu gihugu agamije kukigurisha mu kindi gihugu, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu	Any person who steals a motor vehicle in any country in order to sell it in another country, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years	Toute personne qui vole une automobile dans un pays en vue de la vendre dans un autre pays est passible d'un emprisonnement de	

y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni makumyabiri (20.000.000).

UMUTWE WA II: IBYAHA BIKORWA MU BUCURUZI NO MU MAKOPERATIVE

Icyiciro cya mbere: Igihombo cyikururiwe

Ingingo ya 333: Igihombo cyikururiwe gikomeye

Umucuruzi wese utagishoboye kwishyura akaba, ku buryo bw'uburiganya:

- 1° arigisa cyangwa ahisha umutungo wose cyangwa igice cyawo;
- 2° wiyemerera imyenda atarimo;
- 3° urigisa ibitabo by'ibaruramari;

aba akoze icyaha cy'igihombo cyikururiwe gikomeye kandi ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

and a fine of five million (5,000,000) to twenty million (20,000,000) Rwandan francs.

CHAPTER II: COMMERCIAL AND COOPERATIVE OFFENCES

Section One: Fraudulent bankruptcy

Article 333: Grave fraudulent bankruptcy

Any insolvent business person who fraudulently:

- 1° misappropriates, conceals all or part of his/her assets;
Si la destruction ou la dégradation volontaire entraîne une incapacité permanente, l'auteur est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Si la destruction ou la dégradation volontaire cause la mort d'une ou plusieurs personnes, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

Article 407: Destruction des monuments

Toute personne qui détruit, fait s'écrouler, fend ou dégrade des monuments ou autres objets qui, destinés à la décoration publique, ont été élevés par l'autorité compétente ou avec son autorisation, est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois la valeur des biens dégradés.

Toute personne qui détruit, fait s'écrouler, fend ou dégrade des tombeaux, signes commémoratifs ou commet une profanation

igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Ingingo ya 408: Kuvanaho cyangwa kwimura ibimenyetso cyangwa ibirangabutaka

Umuntu wese, utabiherewe uburenganzira, uvanaho cyangwa wimura ibimenyetso cyangwa ibirangabutaka, cyangwa uhindura isura yabyo cyangwa inyandiko zerekeranye na byo, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'ibyangijwe.

Ingingo ya 409: Gucuruza cyangwa gukoresha ibintu bikomoka ku isenya

Umuntu wese ufatanwa, ucuruza cyangwa ukoresha mu bikorwa bye ibyo ari byo byose, ibintu biba byakomotse ku byaha bivugwa muri iki cyiciro cyangwa akabiha undi mu nzira iyo ari yo yose, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'ibyangijwe.

of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

Article 408: Removal or displacement of signs or land markers

Any person who, without authorization, removes or displaces signs or land markers, or transforms them, or modifies documents related to them, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to three (3) years and a fine of two (2) to five (5) times the value of damaged properties.

Article 409: Sale or use of properties originating from demolition

Any person found in possession of, sells or uses in his/her activities, properties originating from the offences under this Section or gives them to another in any way, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years and a fine of two (2) to five (5) times the value of the damaged property.

de tombeaux ou de cimetièrre, est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

Article 408: Enlèvement ou déplacement des signaux ou repères géodésiques

Toute personne qui, sans y être autorisée, enlève ou déplace des signaux ou repères géodésiques ou topographiques, ou en modifie l'aspect, les indications ou les inscriptions, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à trois ans (3) et d'une amende de deux (2) à cinq (5) fois la valeur des biens endommagés.

Article 409: Vente ou usage des biens résultant de la destruction

Toute personne trouvée en possession, des biens résultant des infractions prévues dans la présente section ou qui les vend ou les utilise dans ses diverses activités ou qui les donne à une autre personne, de quelque manière que ce soit, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende de deux (2) à cinq (5) fois la valeur des biens endommagés.

Ingingo ya 410: Ibihano by'ibytso

Icyitso cy'ibyaha bimaze kuvugwa mu ngingo kuva ku ya 405 kugeza ku ngingo ya 409 z'iri tegeko ngenga, gihanishwa igihano kimwe na gatozi.

Ingingo ya 411: Ihanwa ry'abafatanya n'abahamwe n'ibyaha bivugwa mu ngingo ya 405 n'ya 406 z'iri tegeko ngenga

Abafatanya n'abahamwe n'ibyaha bivugwa mu ngingo ya 405 n'ya 406 z'iri tegeko ngenga, bahanishwa ibihano bimwe.

Icyiciro cya 3: Kwangiza no konona ibiti, imyaka, ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi n'ibidukikije

Akicro ka mbere: Kwangiza no konona ibiti, imyaka, ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi

Ingingo ya 412: Kwangiza cyangwa konona ku bw'inabi ibiti, imyaka n'ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi

Umuntu wese, ku bw'inabi, wangiza cyangwa wonona burundu cyangwa igice kimwe, ibiti, imyaka, ibikoresho by'ubuhinzi

Article 410: Penalties for accomplices

An accomplice of the offences under Articles 405 to 409 of this Organic Law, shall be liable to the same penalties as the offender.

Article 411: Penalties for co-offenders with respect to the offences under Articles 405 and 406 of this Organic Law

Co-offenders with respect to the offences under Articles 405 and 406 of this Organic Law shall be punished with the same penalties as convicts.

Section 3: Degradation and damaging of trees, crops, agricultural tools and environment

Sub section One: Degradation and damaging of trees, crops and agricultural tools

Article 412: Malicious degradation or damaging of trees, crops and agricultural tools

Any person who maliciously degrades or damages either in whole or in part, trees, crops, agricultural tools or any other property

Article 410: Peines applicables aux complices

Le complice des infractions prévues aux articles 405 à 409 de la présente loi organique, est passible des mêmes peines que l'auteur.

Article 411: Peines pour les co-auteurs des infractions prévues aux articles 405 et 406 de la présente loi organique

Les co-auteurs et les coupables des infractions visées aux articles 405 et 406 de la présente loi organique sont punis des mêmes peines.

Section 3: Destruction et dégradation d'arbres, de récoltes, d'instruments d'agriculture et de l'environnement

Sous-section première: Destruction et dégradation des arbres, des récoltes et des instruments d'agriculture

Article 412: Destruction ou dégradation méchante des arbres, des récoltes et des instruments d'agriculture

Toute personne qui, méchamment, détruit ou dégrade en tout ou en partie, des arbres, des

n'ubworozi n'ibindi bintu by'undi cyangwa n'iyoy byaba ibye ariko bifite ingaruka ku bandi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Ingingo ya 413: Kwangiza cyangwa konona burundu ibiti, imyaka, ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi nta bushake bwo kugira nabi

Umuntu wese, nta bushake bwo kugira nabi, wonona cyangwa wangiza burundu cyangwa igice kimwe ibiti, imyaka, ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi by'undi muntu, ahanishwa igifungo kuva ku minsi umunani (8) kugeza ku mezi (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi makumyabiri (20.000) kugeza ku bihumbi ijana (100.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Akiciro ka 2: Kwangiza ibidukikije

Ingingo ya 414: Igisobanuro cy'ijambo ibidukikije

Ibidukikije ni urusobe rw'ibintu bigizwe n'ibidukikije kamere n'ibiva ku bikorwa bya

belonging to another person or belonging to him/her but with an impact on other people, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to three (3) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

Article 413: Degradation or damaging of trees, crops, and agricultural tools without malicious intention

Any person who, without malicious intention, degrades or damages in whole or in part trees, crops or agricultural tools belonging to another person shall be liable to a term of imprisonment of eight (8) days to two (2) months and a fine of twenty thousand (20,000) to one hundred thousand (100,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Sub section 2: Degradation of environment

Article 414: Definition of environment

Environment is a diversity of things made up of natural and artificial environment made by

récoltes, des instruments d'agriculture ou d'autres biens appartenant à autrui ou lui appartenant mais qui peuvent avoir des effets sur les autres, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à trois ans (3) et d'une amende de deux cent mille (200.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Article 413: Destruction ou dégradation sans intention méchante des arbres, des récoltes et instruments d'agriculture

Toute personne qui, sans intention méchante, détruit ou dégrade en tout ou en partie, des arbres, des récoltes, des instruments d'agriculture ou d'autres biens appartenant à autrui, est passible d'un emprisonnement de huit (8) jours à deux (2) mois, et d'une amende de vingt mille (20.000) à cent mille (100.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Sous-section 2: Dégradation de l'environnement

Article 414: Définition de l'environnement

L'environnement est l'ensemble des éléments composés de l'environnement

muntu. Birimo imiti y'ubutabire, urusobe rw'ibinyabuzima ndetse n'ibikorwa by'ubukungu n'imibereho y'abantu, ibirebana n'umuco, ubwiza, ndetse n'ubumenyi bishobora kugira ingaruka ziziguye cyangwa zitaziguye z'ako kanya cyangwa zitinda, ku majyambere y'ahantu, ku binyabuzima no ku bikorwa by'umuntu.

Ingingo ya 415: Kudakora inyigo ku ngaruka y'umushinga ku bidukikije

Umuntu wese cyangwa ishyirahamwe rifite ubuzima gatozi ridakora inyigo ku ngaruka ku bidukikije ibanziriza umushinga ushobora kugira ingaruka mbi ku bidukikije, ahanishwa guhagarikirwa ibikorwa no gufungirwa ikigo kandi bitabujije gutegekwa gusubiranyabyangijwe.

Umuntu wese uhimba cyangwa uhindura inyandiko z'inyigo ku ngaruka ku bidukikije ahanwa kimwe n'uwakoze ibyaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 416: Gutwika, gutema cyangwa gutemesha ibiti cyangwa kwica inyamaswa

Umuntu wese, mu buryo butubahiriza

human beings. It includes chemical substances, biodiversity as well as socio-economic activities, cultural, aesthetic, and scientific factors likely to have direct or indirect, immediate or long term effects on the development of an area, biodiversity and on human activity.

Article 415: Lack of environmental impact assessment of project

Any person or association with legal personality that does not carry out a prior environmental impact assessment for any project which may have a negative impact on environment, shall be liable to suspension of activities and closure of his/ her association and shall also pay damages.

Any person who forges or alters an environmental compliance certificate shall be liable to the same penalties as the offender mentioned under paragraph one of this Article.

Article 416: Arson, cutting trees or causing others to do so or killing animals

Any person who illegally sets fire to, cuts

naturel et de l'environnement humain. On y trouve les éléments chimiques, la diversité biologique ainsi que des facteurs socio-économiques, culturels, esthétiques, scientifiques susceptibles d'avoir un effet direct ou indirect, immédiat ou à long terme, sur le développement du milieu, des êtres vivants et des activités humaines.

Article 415: Omission de faire une étude d'impact environnemental d'un projet

Toute personne physique ou toute association de personnes jouissant de la personnalité juridique, qui omet de faire une étude d'impact environnemental préalable à tout projet susceptible d'avoir des effets nuisibles sur l'environnement, est passible de suspension d'activités et de fermeture d'établissement sans préjudice des mesures de réparation des dommages causés.

Toute personne qui contrefait ou falsifie un certificat de conformité environnementale est passible des mêmes peines que l'auteur des infractions visées à l'alinéa premier du présent article.

Article 416: Incendier, abattre ou faire abattre des arbres ou abattre des animaux

amategeko abigenga, utwika, utema cyangwa utemesha ibiti n'uwica inyamaswa mu mashyamba arinzwe, mu byanya birinzwe no muri Pariki z'Igihugu, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 417: Gushimuta, gucuruza, gukomeretsa cyangwa kwica ingagi cyangwa izindi nyamaswa zirimo gucika

Umuntu wese ushimuta, ucuruza, ukomeretsa cyangwa wica ingagi cyangwa izindi nyamaswa zirengerwa ziriho zicika, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 418: Gusenya cyangwa kwangiza ahantu, inyubako nyaburanga cyangwa ndangamateka

Umuntu wese usenya cyangwa wangiza inyubako irinzwe, ahantu nyaburanga cyangwa ndangamateka, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda

trees or who causes others to do so or kills animals in classified forests, protected areas and national parks, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of three hundred thousand (300,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 417: Poaching, selling, injuring or killing a gorilla or other endangered animal species

Any person who poaches, sells, injures or kills a gorilla or any other protected endangered animal species shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 418: Destruction or degradation of touristic or historical sites or buildings

Any person who destroys or degrades a classified building, a tourist or historical site shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to five million

Toute personne qui, en violation de la réglementation en la matière, incendie, abat ou fait abattre des arbres ou abat des animaux dans les forêts classées, dans des zones protégées et dans les parcs nationaux est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de trois cent mille (300.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 417: Braconner, vendre, blesser ou tuer un gorille ou autres espèces animales menacées d'extinction

Toute personne qui braconne, vend, blesse ou tue un gorille ou tout autre espèce animale protégée menacée d'extinction est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 418: Destruction ou dégradation des sites ou installations d'attraction touristique ou historique

Toute personne qui détruit ou dégrade une installation classée, un site d'attraction touristique ou historique est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2)

kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 419: Kubangamira imikorere y'abakozi bashinzwe kugenzura inyubako zirinzwe bikozwe

Umuntu weseubangamira imikorere y'abakozi bashinzwe kugenzura inyubako zirinzwe, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo habaye isubiracyaha, ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byikuba kabiri.

Ingingo ya 420: Kubangamira imikorere y'abakozi bashinzwe kugenzura inyubako zirinzwe bikozwe n'umuntu ufite ikigo

Umuntu wese, ufite ikigo, ubangamira imikorere y'abakozi bashinzwe kugenzura inyubako zirinzwe, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u

(5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 419: Obstructing agents responsible for inspecting classified buildings in the performance of their duties

Any person who obstructs agents responsible for inspecting classified buildings in the performance of their duties shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of two hundred thousand (200,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

In case of recidivism, the penalties under paragraph one of this Article shall be doubled.

Article 420: Obstructing agents responsible for inspecting classified buildings committed by a person who has an establishment

Any person who has an establishment that obstructs the duties of agents responsible for inspecting classified buildings shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of one

ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 419: Faire obstacle à l'exercice des fonctions des agents chargés de l'inspection des installations classées

Toute personne qui fait obstacle à l'exercice des fonctions des agents chargés de l'inspection des installations classées est passible d'un emprisonnement d'un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de deux cent mille (200 000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

En cas de récidive, les peines prévues à l'alinéa premier du présent article sont portées au double.

Article 420: Faire obstacle à l'exercice des fonctions des agents chargés de l'inspection des installations classées commis par une personne responsable d'un établissement

Toute personne responsable d'un établissement, qui fait obstacle à l'exercice des fonctions des agents chargés de l'inspection des installations classées, est

Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo habayeho isubiracyaha, ikigo gishobora gufungwa by'agateganyo.

Ingingo ya 421: Gukoresha inyubako irinzwe hadakurikijwe amabwiriza ya tekiniki

Umuntu wese ukoresha inyubako irinzwe adakurikije amabwiriza ya tekiniki, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibi bihano.

Ingingo ya 422: Gukomeza gukoresha inyubako irinzwe yafunzwe

Umuntu wese ukomeza gukoresha inyubako irinzwe yafunzwe, yahagaritswe cyangwa yabujijwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000) cyangwa kimwe

million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

In case of recidivism, the establishment may be temporary closed.

Article 421: Exploitation of a classified building without respecting technical instructions

Any person who uses a classified building without respecting technical instructions shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of two hundred thousand (200,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 422: Persistent use of a closed classified building

Any person who persistently uses a classified building which is subjected to closure, suspension or ban shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

passible d'un emprisonnement de un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

En cas de récidive, l'établissement peut être fermé temporairement.

Article 421: Exploitation d'une installation classée en violation des prescriptions techniques

Toute personne qui exploite une installation classée sans se conformer aux prescriptions techniques est passible d'un emprisonnement de un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de deux cent mille (200.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 422: Persistance dans l'exploitation d'une installation classée qui est frappée de fermeture

Toute personne qui persiste dans l'exploitation d'une installation classée qui est frappée de fermeture, de suspension ou d'interdiction est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq millions

gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 423: Kumena imyanda ku buryo butemewe kandi nta ruhushya

Umuntu wese umena, ku buryo butemewe kandi nta ruhushya, imyanda igombera uruhushya ruteganywa n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese umena imyanda ihumanya kandi abizi ahantu hatemewe, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Iyo uko kumena imyanda ihumanya ahantu hatemewe byateye ubumuga cyangwa indwara, uwabikoze ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Iyo uko kumena imyanda ihumanya ahantu hatemewe byateye urupfu, ahanishwa

Article 423: Unlawful dumping of waste without authorization

Any person who unlawfully and without authorization dumps waste which require prior authorization shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one million (1.000.000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Any person who knowingly dumps toxic waste in an unauthorized place, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of two million (2,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

If dumping of toxic waste in an unauthorized place results in disability or disease, the offender shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

If dumping of toxic waste in an unauthorized place results in death, the offender shall be

(5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 423: Déversement des déchets sans respect des conditions prescrites et sans autorisation

Toute personne qui, sans respect des conditions prescrites et sans autorisation, déverse des déchets soumis à une autorisation préalable est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui déverse sciemment des déchets toxiques dans un endroit non autorisé est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Si le déversement de ces déchets toxiques dans un endroit non autorisé a entraîné une incapacité de travail ou une maladie, l'auteur est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Si le déversement de ces déchets toxiques

igifungo cya burundu.

Ingingo ya 424: Gutumiza mu mahanga imyanda, kuyitaba, kuyitwika cyangwa gukoresha ubundi buryo butuma iyonga

Umuntu wese:

1° utumiza mu mahanga kandi atabifitiye uruhushya imyanda akayizana mu gihugu;

2° utaba, utwika cyangwa ukoresha ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bwatuma imyanda iyongera ahantu hahehereye;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni mirongo itanu (50.000.000).

Ingingo ya 425: Kumena imyanda ahatabigenewe

Umuntu wese cyangwa ikigo icyo ari cyo cyose bafite uruhushya rwo gutunganya imyanda ariko bakayimena ahatabigenewe, bahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Uruhushya rwose rwo gukusanya imyanda

liable to life imprisonment.

Article 424: Importing, immersing, burning of waste or using any other means that cause their decomposition

Any person who:

1° imports waste without authorisation;

2° immerses, burns or uses any other means that may cause decomposition of waste in a damp place;

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years and a fine of five million (5,000,000) to fifty million (50,000,00) Rwandan francs.

Article 425: Dumping waste in an inappropriate place

Any person or company authorized to treat waste that dumps such waste in an inappropriate place shall be liable to a fine of one million (1,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Any authorization for waste collection in the

dans un endroit non autorisé a entraîné la mort, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 424: Importer, enfouir, incinérer des déchets ou recourir à tout autre procédé de leur décomposition

Toute personne qui:

1° importe sans autorisation les déchets;

2° enfouit, incinère ou recourt à tout autre procédé de leur décomposition dans un endroit humide;

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à cinquante millions (50.000.000) de francs rwandais.

Article 425: Déverser les déchets dans un endroit non approprié

Toute personne ou tout établissement ayant l'autorisation de traiter les déchets qui les déversent dans un endroit non approprié est passible d'une amende d'un million (1.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

mu gihugu rushobora guhagarikwa igihe cyose hagaragaye kutubahiriza inshingano zikubiye mu masezerano.

Ingingo ya 426: Kugura, kugurisha, gutumiza mu mahanga, gucisha mu gihugu, guhunika, gutwika imyanda ihumanya no gukoresha ubundi buryo bwatuma iyonga

Umuntu wese ugora, ugurisha, utumiza mu mahanga, ucisha mu gihugu, uhunika, utwika cyangwa ukoresha ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bwatuma imyanda ihumanya iyongera ahantu hahehereye ikagira ingaruka ku bantu no ku bidukikije cyangwa usinya amasezerano amuhesha uburenganzira bw'ibyo bikorwa, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni mirongo itanu (50.000.000) kugeza kuri miliyoni magana abiri (200.000.000).

Urukiko rushobora kandi gutegeka gufatira no kuvanaho imyanda, ikiguzi kikishyurwa na nyir'imyanda.

Ingingo ya 427: Kwanduza ahantu rusange cyangwa ahiherereye

Umuntu wese ushyira, usiga, ujugunya

country may be suspended at any time due to non-compliance with the terms of the contract.

Article 426: Buying, selling, importing, conveying in transit, storing, burning or using other means of decomposing toxic waste

Any person who buys, sells, imports, conveys in transit, stores, immerses, burns or uses any other means that may lead to decomposition of toxic waste in a damp place and that may be harmful to human beings or environment or signs an agreement authorising him/her to carry out such activities, shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of fifty million (50,000,000) to two hundred million (200,000,000) Rwandan francs.

The Court may also order the confiscation and removal of waste at the owner's expenses.

Article 427: Polluting public or private area

Any person who deposits, abandons or dumps

Toute autorisation de collecte de déchets dans le pays peut, à tout moment, être suspendue suite à la violation des termes du contrat.

Article 426: Achat, vente, import, transit, entrepôt, incinération ou recours au procédé de décomposition des déchets dangereux

Toute personne qui achète, vend, importe, fait transiter, entrepose, incinère les déchets dangereux ou recourt à tout autre procédé de leur décomposition dans un endroit humide causant des effets sur les êtres humains ou sur l'environnement ou conclut un accord autorisant l'exercice de ces activités est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinquante millions (50.000.000) à deux cent millions (200.000.000) de francs rwandais.

La juridiction peut décider la confiscation ou l'enlèvement des déchets aux frais du propriétaire des déchets.

Article 427: Polluer une place publique ou privée

umwanda, ibikoresho cyangwa umena amazi yakoreshejwe mu ngo ahantu rusange cyangwa hiherereye keretse iyo aho hantu hateganyijwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi icumi (10.000) kugeza ku bihumbi ijana (100.000).

Umuntu wese ukoresha umwanda ukomoka ku bantu no mu ngo akanduza ahanturusange cyangwa ah'abantu ku giti cyabo, uretse mu gihe aho hantu hateganyijwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10.000) cyangwa agategekwa gusukura ahantu yanduje.

Ingingo ya 428: Gutwika imyanda no guhumanya ikirere

Umuntu wese mu buryo bunyuranyije n'amategeko:

- 1° utwika imyanda yo mu rugo, ibiyorero, amapine na pulasitiki;
- 2° ufite imodoka iteza imyotsi na gazi bihumanya;
- 3° unywera itabi mu ruhame n'ahandi hantu hateranira abantu benshi;

ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u

waste, materials, or who pours domestic sewage in a public or private place except if such a place has been designated by competent authorities, shall be liable to a fine of ten thousand (10,000) to one hundred thousand (100,000) Rwandan francs.

Any person polluting public or private place with human and domestic waste, except if such a place has been designated by competent authorities, shall be liable to a fine of ten thousand (10,000) Rwandan francs or he/she may be compelled to clean the place.

Article 428: Burning waste and polluting the atmosphere

Any person who unlawfully:

- 1° burns domestic waste, crop residues in fields, tyres and plastic materials;
- 2° owns a car that emits noxious smoke and gases;
- 3° smokes in public and in any other place where many people gather;

shall be liable to a fine of ten thousand

Toute personne qui dépose, abandonne ou jette des ordures, matériaux ou verse des eaux usées domestiques dans un lieu public ou privé sauf si ce lieu est désigné à cet effet par l'autorité compétente est passible d'une amende de dix mille (10.000) à cent mille (100.000) francs rwandais.

Toute personne qui pollue par des déchets humains et domestiques un lieu public ou privé sauf si ce lieu est désigné à cet effet par l'autorité compétente, est passible d'une amende de dix mille (10.000) francs rwandais ou être astreinte au nettoyage des lieux.

Article 428: Incinération des déchets et pollution atmosphérique

Toute personne qui, contrairement à la loi:

- 1° incinère des ordures ménagères, des résidus végétaux dans les champs, des pneus et des plastiques ;
- 2° a un véhicule qui dégage des fumées et gaz nocifs;
- 3° fume en public ou dans les lieux réservés aux rencontres publiques;

Rwanda kuva ku bihumbi icumi (10.000) kugeza ku bihumbi mirongo itanu (50.000).

Ingingo ya 429: Intera yubahirizwa uvuye ku nkombe z'imigezi, iz'inzuzi n'iz'ibiyaga n'iyubahirizwa ry'ahantu hakomye

Umuntu wese:

1° ukora imirimo y'ubuhinzi atubahirije intera ya metero icumi (10) uvuye ku nkombe z'imigezi n'iz'inzuzi na metero mirongo itanu (50) uvuye ku nkombe z'ibiyaga;

2° ukora imirimo y'ubworozi isaba ibikorwa by'ubuhinzi mu gishanga itubahirije intera ya metero icumi (10) uturutse ku nkombe z'imigezi na metero mirongo itanu (50) uvuye ku nkombe z'ibiyaga;

3° wubaka ibiraro by'amatungo atubahirije metero mirongo itandatu (60) uturutse ku nkombe z'imigezi n'iz'inzuzi na metero magana abiri (200) uvuye ku nkombe z'ibiyaga;

(10,000) to fifty thousand (50,000) Rwandan francs.

Article 429: Distance required from the banks of rivers and shores of lakes, and respect of reserved areas

Any person who:

1° carries out agricultural activities without complying with a distance of ten (10) meters required from the banks of rivers and the distance of fifty (50) meters from the shores of lakes;

2° carries out animal breeding activities requiring swamp-based agricultural works without complying with a distance of ten (10) meters required from the banks of rivers, and a distance of fifty (50) meters from the shores of lakes;

3° erects animal sheds without complying with a distance of sixty (60) meters required from the banks of rivers, a distance of two hundred (200) meters from the shores of lake;

est passible d'une amende de dix mille (10.000) à cinquante mille (50.000) francs rwandais.

Article 429: Distance à respecter à partir des rives des rivières, des fleuves et des lacs ainsi que le respect des espaces réservés

Toute personne qui:

1° réalise les activités agricoles sans respecter une distance de dix (10) mètres des rives des rivières et des fleuves et une distance de cinquante (50) mètres des rives des lacs;

2° réalise les activités d'élevage qui requièrent les travaux agricoles effectués dans les marais sans respecter une distance de dix (10) mètres des rives des rivières et une distance de cinquante (50) mètres des rives des lacs;

3° érige les étables sans respecter une distance de soixante (60) mètres des rives des rivières et des fleuves et une distance de deux cents (200) mètres des rives des lacs;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

- | | | |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>4° ushyiraho ibyuzi by'amafi n'ubwoko bw'amafi buterwamo atabiherewe uburenganzira;</p> | <p>4° develops fish ponds and raising fish species without authorization;</p> | <p>4° aménagement des étangs piscicoles et y élève les espèces de poissons sans autorisation;</p> |
| <p>5° ushyira inyubako ahantu hahehereye, haba mu mujyi cyangwa mu cyaro, wubakamo amasoko, icukiro ry'imyanda, uhashyira irimbi n'izindi nyubako izo ari zo zose zishobora kuhonona atubahirije metero makumyabiri (20) uturutse ku nkombe z'igishanga;</p> | <p>5° erects in a wetland area, whether urban or rural, a building, a market, a dump, a cemetery and any other building that may have a negative impact on that area without complying with a distance of twenty (20) meters required from the banks of swamp;</p> | <p>5° érige dans une zone humide, que ce soit en milieu urbain ou rural, un édifice, un marché, un dépotoir, un cimetière et toute autre installation susceptible de produire un impact négatif sur cette zone sans respecter une distance de vingt (20) mètres des rives du marais;</p> |
| <p>6° ukora imirimo iyo ari yo yose, uretse ijyanye n'ubushakashatsi, mu bishanga bikomye;</p> | <p>6° carries out any other activity other than research activity in reserved wetlands area;</p> | <p>6° réalise toute autre activité autre que l'activité de recherche dans les marais classés en zones protégées;</p> |
| <p>ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.</p> | <p>shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.</p> | <p>est passible d'un emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.</p> |
| <p>Iyo habaye isubiracyaha, ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byikuba kabiri.</p> | <p>In case of recidivism, the penalties under Paragraph One of this Article shall be doubled.</p> | <p>En cas de récidive, les peines prévues à l'alinéa premier du présent article sont portées au double.</p> |
| <p>Uwahamwe n'icyaha ashobora gusabwa gusubiranyanya ahantu hangijwe.</p> | <p>The convict may be ordered to rehabilitate the damaged area.</p> | <p>La personne reconnue coupable peut être astreinte à la remise des lieux affectés dans leur état antérieur.</p> |

Akiciro ka 3: Gukwirakwiza indiririzi cyangwa indwara z'ibimera

Ingingo ya 430: Gukwirakwiza indiririzi cyangwa indwara z'ibimera

Umuntu wese uHINGA, utunze, ugurisha, wohera, utwara, utumiza cyangwa utanga hirya no hino, mu buryo ubwo ari bwo bwose, ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu giteganyijwe n'itegeko rishyiraho uburyo bwo kurengera ibimera azi ko cyandujwe n'indiririzi cyangwa indwara ikomoka ku kimera, ufasha abishaka mw'iyinjizwa cyangwa ikwirakwiza ry'indiririzi cyangwa indwara ikomoka ku kimera, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Akiciro ka 4: Kwangiza cyangwa konona ibindi bintu

Ingingo ya 431: Kwangiza cyangwa konona ikintu cy'undi

Haseguriwe ibivugwa mu cyiciro cya mbere, icya 2 n'icya 3 by'u Mutwe, umuntu wese ku bw'inabi, wangiza cyangwa wonona

Sub section 3: Spreading pests or plant diseases

Article 430: Spreading pests or plant diseases

Any person who cultivates, owns, sells, exports, carries, imports or distributes by any means an infected plant, plant product or any other product provided under the law establishing modalities for plant protection; intentionally participates in the introduction or spread of a pest or a disease originating from plants, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of five hundred thousand (500.000) to one million (1.000.000) Rwandan francs or one of these penalties.

Sub section 4: Degrading or damaging of other properties

Article 431: Degrading or damaging of another person's property

Subject to the provisions of Sections One, 2 and 3 of this Chapter, any person who, in bad faith, damages or destroys movable or

Sous-section 3 : Prolifération des parasites ou des maladies des plantes

Article 430 : Prolifération des parasites ou maladies des plantes

Toute personne qui cultive, possède, vend, exporte, transporte, importe ou distribue partout, par tout moyen, une plante, un produit de plante ou toute autre espèce prévue par la loi relative à la protection des plantes alors qu'elle sait qu'ils sont infestés, qui facilite sciemment l'introduction ou la propagation d'un parasite ou d'une maladie, est passible d'un emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Sous-section 4: Destruction ou dégradation d'autres biens

Article 431: Dégradation ou destruction d'un bien appartenant à autrui

Sous réserve des dispositions des Sections première, 2 et 3 du présent Chapitre, toute

ikintu cy'undi cyimukanwa cyangwa kitimukanwa, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'icyangijwe cyangwa k'icyononwe cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Akicro ka 5: Ikoreshwa n'icuruzwa ry'amasashe ya pulasitiki

Ingingo ya 432: Igisobanuro cy'isashe ya pulasiki

Muri iri Tegeko Ngenga, isashe ya pulasitiki ni igikoresho mvaruganda gikozwe mu miti y'ubutabire yitwa mu magambo y'icyongereza "ethene (monomer)".

Ingingo ya 433: Ibihano bihabwa uwafatanywe amasashe ya pulasitiki ayakoresha cyangwa ayacuruza

Abayobozi b'Inganda, ab'ibigo by'ubucuruza cyangwa b'isosiyete y'umunyamigabane umwe bafatanywe amasashe akozwe muri pulasitiki batabyemerewe, bayakora cyangwa bayakoresha, bahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu

immovable property of another person, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of two (2) to ten (10) times the value of the degraded or damaged property or one of these penalties.

Sub section 5: Use and sale of polythene

Article 432: Definition of polythene

For the purpose of this Organic Law, polythene means a synthetic plastic material made up of numerous simple chemicals called "ethene (monomer)".

Article 433: Penalties for using or selling polythene

Managers of industries, companies or sole proprietorship found in possession of polythene without authorization, manufacturing or using them shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3, 000,000) Rwandan francs or one

personne qui méchamment, dégrade ou détruit une chose mobilière ou immobilière appartenant à autrui, est passible d'un emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois la valeur du bien détruit ou dégradé ou de l'une de ces peines seulement.

Sous-section 5: Utilisation et commercialisation des sachets en plastique

Article 432: Définition d'un sachet en plastique

Aux fins de la présente loi organique, sachet en plastique signifie un matériel synthétique composé de plusieurs produits chimiques simple appelés « éthène (monomères) ».

Article 433: Peines pour utilisation ou vente de sachets en plastique

Les dirigeants des industries, des sociétés commerciales ou de toute société unipersonnelle trouvées en possession des sachets en plastique sans autorisation, qui les fabriquent ou les utilisent sont passibles d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende

(500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese ugurisha amasashe akozwe muri pulasitiki atabyemerewe, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi icumi (10.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Umuntu wese ukoresha isashe ikozwe muri pulasitiki, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi bitanu (5.000) kugeza ku bihumbi ijana (100.000) kandi akamburwa iyo sashe.

Iyo habaye isubiracyaha, igihano cyikuba kabiri (2).

Akiciro ka 6: Gukuraho, kwimura imbibi cyangwa kubangamira abaturanyi cyangwa inyungu rusange

Ingingo ya 434: Ihanwa ry'icyaha cyo gukuraho, kwimura imbibi cyangwa kuzonona

Umuntu wese, atabifitiye uburenganzira, ukuraho, wimura cyangwa wonona, ku bw'inabi, imbibi cyangwa ibiti byaterewe cyangwa byemeweho kuba imbago, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2)

of these penalties.

Any person who sells polythene without authorization shall be liable to a fine of ten thousand (10,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

Any person who uses polythene shall be liable to a fine of five thousand (5,000) to one hundred thousand (100,000) Rwandan francs in addition to the confiscation of the polythene.

In case of recidivism, the penalty shall be doubled.

Sub Section 6: Removal, displacement of land markers, acting to the detriment of neighbours or public interest

Article 434: Penalty for removal, displacement or damaging of land markers

Any person who, without authorisation, maliciously removes, displaces or damages land markers or trees planted or recognised as boundaries, shall be liable to imprisonment of two (2) months but less than six (6) months

de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui vend des sachets en plastique sans autorisation est passible d'une amende de dix mille (10.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

Toute personne qui utilise un sachet en plastique est passible d'une amende de cinq mille (5.000) à cent mille (100.000) francs rwandais et son sachet est confisqué.

En cas de récidive, la peine est portée au double.

Sous-section 6: Enlèvement, déplacement des bornes ou obstruction au droit des voisins ou à l'intérêt public

Article 434: Peine pour enlèvement, déplacement ou dégradation des bornes

Toute personne qui, méchamment et sans y être autorisée, enlève ou déplace ou dégrade des bornes ou des arbres plantés ou reconnus pour établir les limites entre différentes

ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 435: Kubangamira abaturanyi cyangwa inyungu rusange

Umuntu wese:

- 1° wima abaturanyi be inzira igera mu kwabo mu gihe nta handi bashobora kunyura kandi nta mpamvu igaragara ashingiraho;
- 2° ubuza ko amazi ku bwa kamere anyura mu butaka bwe avuye mu bw'abandi buri haruguru y'ubwe kandi nta mpamvu igaragara ashingiraho;
- 3° ubuza kuvoma ku iriba riri ku butaka bwe kandi atari we ubwe waryicukuriye cyangwa wariyubakiye;

ahanishwa igifungo kuva ku minsi irindwi (7) kugeza ku mezi atatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi icumi (10.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe

and a fine of fifty thousand (50.000) and five hundred thousand (500, 000) or one of these penalties.

Article 435: Acting to the detriment of neighbours or public interest

Any person who :

- 1° denies neighbours access to their premises and when there is no other means and without reasonable justification ;
- 2° prohibits passage of natural water through his /her land from neighbours' land without reasonable justification;
- 3° prohibits fetching of water from a well located on his/her own land, of which he/she did not dig or construct;

shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) days to three (3) months and a fine of ten thousand (10,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

propriétés, est passible d'un emprisonnement deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500, 000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 435 : Faire obstruction aux droits des voisins ou à l'intérêt public

Toute personne qui :

- 1° refuse le passage à ses voisins au cas où ils sont enclavés et sans motif valable;
- 2° empêche l'écoulement naturel dans sa propriété des eaux qui proviennent des terres avoisinantes sans motif valable;
- 3° s'oppose à ce que les tiers puisent de l'eau du puits se trouvant sur sa propriété alors qu'il ne l'a pas creusé ou aménagé par ses moyens;

est passible d'une peine d'emprisonnement de sept (7) jours à trois (3) mois et d'une amende de dix mille (10.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une

gusa muri ibyo bihano.

Uwakoze icyaha ategukwa kandi gukora ibyo atubahirije.

Icyiciro cya 4: Gufata nabi amatungo yororerwa mu rugo, kuyakomeretsa cyangwa kuyica

Ingingo ya 436: Ihanwa ry'icyaha cyo gufata nabi amatungo yororerwa mu rugo, kuyakomeretsa cyangwa kuyica

Umuntu wese ufata nabi amatungo cyangwa inyamaswa zororerwa mu rugo, ku buryo bubangamira ubuzima bwayo, ahanishwa igifungo kuva ku minsi umunani (8) ariko kitarenze mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi makumyabiri (20.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese, ku bw'inabi kandi nta mpamvu, wica cyangwa ukomeretsa bikomeye amatungo y'undi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

The offender shall also be ordered to perform what he/she did not abide.

Section 4: Mistreating, injuring or killing domestic animals

Article 436: Penalties for mistreating, injuring or killing domestic animals

Any person who, mistreats livestock or domestic animals, in a way to compromise their health shall be liable to a term of imprisonment of eight (8) days but less than six (6) months and a fine of twenty thousand (20,000) to five hundred thousand (500, 000) Rwandan francs or one of these penalties.

Any person who maliciously and without reasonable justification kills or seriously wounds livestock or domestic animals belonging to another person, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

de ces peines seulement.

L'auteur est en outre tenu de faire ce qu'il n'a pas respecté.

Section 4: Maltraiter, blesser ou tuer les animaux domestiques

Article 436: Peines pour maltraiter, blesser ou tuer les animaux domestiques

Toute personne qui, méchamment, maltraite des bestiaux ou animaux domestiques de façon à compromettre leur santé est passible d'un emprisonnement de huit (8) jours mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de vingt mille (20.000) à cinq cent mille (500 000) francs rwandais, ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui, explicitement ou implicitement, sollicite, promet, perçoit, indirectement ou directement, tout pot-de-vin ou tout autre avantage illégal en affirmant être capable d'user de son autorité ou de ses relations pour influencer la décision d'une autre personne, que le don ou l'avantage illégal soit pour lui ou pour autrui, que son autorité ou ses relations aient produit ou non l'effet recherché, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois la valeur de l'avantage illégal sollicité, promis ou perçu.

Toute personne qui exerce son autorité pour influencer la décision qui l'intéresse ou pour décourager la prise de décision qui la désavantage est passible des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 645: Gutanga indonke cyangwa indi mpano kugira ngo hakoreshwe igitinyiro

Umuntu wese, ku buryo bweruye cyangwa buteruye uha undi muntu, ushatse kumuha, umusezeranya, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, impano cyangwa indi ndonke, amusaba gukoresha igitinyiro cye cyangwa ikimenyane, kugira ngo hafatwe icyemezo, iyo ndonke yaba imugenewe cyangwa yaba igenewe undi, icyo gitinyiro cyangwa icyo kimenyane cyaragize icyo kigeraho cyangwa ntacyo cyagezeho mu byari bigambiriwe, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'indonke yatanzwe cyangwa yasezeranyijwe.

Ingingo ya 646: Gusaba gukorerwa ishimishamubiri rishingiye ku gitsina kugira ngo hakoreshwe igitinyiro mu ifatwa ry'icyemezo

Umuntu wese, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, usaba gukora cyangwa gukorerwa ishimishamubiri rishingiye ku gitsina, ahama ko ashobora gukoresha igitinyiro cyangwa ikimenyane kugira ngo undi muntu abe yafata icyemezo, icyo gitinyiro cyangwa

Article 645: Offering an illegal benefit or any other gift to benefit of exertion of another person's influence

Any person who explicitly or implicitly offers, directly or indirectly gives or promises gifts or any other illegal benefit to another person with intent to use his/her authority or acquaintances to influence any decision, whether the benefit is for him/herself or another person, whether the exerted influence produces the expected results or not, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of two (2) to ten (10) times the value of illegal benefit offered or promised.

Article 646: Demanding sexual favours to influence the taking of a decision

Any person who explicitly or implicitly demands sexual favours affirming to be capable of having a decision made by influencing another person, whether the exerted influence produced expected results or not, shall be liable to a term of

Article 645: Offrir un avantage illégal ou tout autre don en vue d'user contre gain d'influence d'autrui

Toute personne qui, explicitement ou implicitement, offre, ou tente d'offrir à quelqu'un d'autre, promet, directement ou indirectement, tout don ou tout autre avantage illégal en lui demandant d'user de son autorité ou de ses relations pour influencer une décision, que l'avantage illégal soit pour elle ou pour quelqu'un d'autre, que cette autorité ou ces relations aient produit ou non l'effet recherché, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois la valeur de l'avantage illégal octroyé ou promis.

Article 646: Solliciter des faveurs de nature sexuelle afin d'user de l'influence d'autrui dans la prise de décision

Toute personne qui, explicitement ou implicitement, exige de faire ou de bénéficier des actes de nature sexuelle en affirmant être capable d'user de son autorité ou de ses relations pour influencer la décision d'une autre personne, que son autorité ou ses

icyo kimenyane cyaba cyaragize icyo kigeraho cyangwa ntacyo cyagezeho mu byari bigambiriwe, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Ni nabyo bihano bihabwa uwemera gukorera iryo shimishamubiri, nyir'igitinyiro cyangwa uwakoresheje ikimenyane.

Ingingo ya 647: Gufata icyemezo gishingiye ku itonesha, ubucuti, urwango cyangwa icyenewabo

Umuntu wese ushinzwe imirimo rusange yaba iya Leta cyangwa iy'abikorera igenewe abaturage, ufata icyemezo ashingiye ku butoneshe, ku bucuti, urwango cyangwa icyenewabo ku bamugana, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2,000,000).

Ingingo ya 648: Kwiha inyungu zinyuranyije n'amategeko

Umukozi wese wa Leta cyangwa undi muntu

imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of fifty thousand (50,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

The same penalties shall apply to any person who accepts to offer sexual favours to the person using influence or acquaintance.

Article 647: Making a decision based on favouritism, friendship, hatred or nepotism

Any person in charge of a public or private service with general interest, who makes a decision based on favouritism, friendship, hatred or nepotism to any person who seeks a service, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of three hundred thousand (300,000) to two millions (2,000,000) Rwandan francs.

Article 648: Appropriation of unlawful favours

Any civil servant or any other person who:

relations produisent ou non l'effet recherché, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Les mêmes peines s'appliquent à celui qui promet ces faveurs de nature sexuelle à cette personne qui use l'influence de son autorité ou de ses relations.

Article 647: Décision fondée sur le favoritisme, l'amitié, la haine ou le népotisme

Toute personne chargée d'un service public ou privé, d'intérêt général, qui prend une décision fondée sur le favoritisme, l'amitié, la haine ou le népotisme à l'égard de ceux qui recourent à ses services, est passible d'une peine d'emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de trois cents mille (300.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais.

Article 648: Prise illégale d'intérêts

Tout agent de l'Etat ou toute autre

wese:

1° yabikora yeruye cyangwa ku buryo buteruye, cyangwa abishyizemo umuhagararira, wihesha cyangwa wemera guhabwa, binyuranyije n'amategeko amugenga, inyungu iyo ari yo yose, mu bikorwa, mu ipiganirwa ry'amasoko y'ibigurwa cyangwa y'imirimu ikorwa mu nzego z'imirimu ya Leta no mu zindi nzego, abifitemo cyangwa yari abifitemo mu gihe cy'icyo gikorwa, ubutegetsi cyangwa ubugenzuzi kuri byose cyangwa kuri bimwe;

2° binyuranyije n'amategeko amugenga, wiha inyungu iyo ari yo yose, ku kintu yari ashinzwe gutunganyiriza ubwishyu cyangwa irangizamutungo;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'indonke yahawe.

1° directly or indirectly unlawfully takes or accepts himself or by means of an intermediary to receive any kind of benefits, from services or public tenders, in public services or any other services, in which that person has, at the time of commission of the act, administration or control in whole or in part;

2° unlawfully profits from a service which he/she was in charge of authorizing payment or liquidation,

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of two (2) to ten (10) times the value of the illegal benefit received.

personne qui:

1° de manière ouverte ou déguisée, ou par personne interposée, se fait attribuer ou accepte de recevoir, en violation des lois le régissant, un quelconque intérêt, soit dans les travaux ou les marchés publics des biens et services du secteur public ou privé, dont il a ou avait, au moment de l'acte, en tout ou en partie, les pouvoirs d'administration ou de contrôle;

2° en violation des lois le régissant, s'attribue un intérêt quelconque, sur une chose dont il était chargé d'ordonner le paiement ou de faire la liquidation ;

est passible d'une peine d'emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois la valeur de l'avantage illégal perçu.

Ingingo ya 649: icyaha cya ruswa gikozwe n'amashyirahamwe, ibigo, imiryango cyangwa amashyirahamwe bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzima gatozi

Amasosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzima gatozi bikoze ibyaha bya ruswa cyangwa ibifitanye isano na yo, bihanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ingana n'inshuro eshanu (5) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'indonke yakiriwe cyangwa yemewe, yasabwe, yatanzwe cyangwa yasezeranyijwe.

Ingingo ya 650: Gutanga cyangwa kwakira ruswa mu rwego rwo gufasha ubutabera kubona ibimenyetso

Nta buryozwacyaha bubaho ku muntu watanze cyangwa wakiriye ruswa mu rwego rwo gufasha ubutabera kubona ibimenyetso ku cyaha cya ruswa.

Ingingo ya 651: Ubunyagwe bw'umutungo ukomoka ku cyaha cya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo

Igihe uregwa ahamwe n'icyaha cya ruswa cyangwa ibindi byaha bifitanye isano na yo

Article 649: Corruption by public or private companies, enterprises, organizations or associations with legal personality

Public or private companies, enterprises, organizations or associations with legal personality which commit corruption or related offences, shall be liable to a fine of five (5) to ten (10) times the value of illegal profit received or accepted, demanded, given or promised.

Article 650: Giving or receiving bribe in order to assist justice in obtaining evidence

A person who gives or receives a bribe in a bid to assist justice in obtaining evidence for the crime of corruption shall not be criminally liable.

Article 651: Confiscation of proceeds of corruption and other related offences

If the defendant is found guilty of corruption or other related offences provided for in this

Article 649: Corruption commise par les sociétés, les établissements, les organisations ou les associations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique

Les sociétés, les établissements, les organisations ou les associations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique qui sont coupable de la corruption ou des infractions connexes, sont passibles d'une amende de cinq (5) à dix (10) fois la valeur de l'avantage illégal perçu ou accepté, exigé, accordé ou promis.

Article 650: Donner ou recevoir un pot-de-vin dans le cadre d'assister la justice dans la découverte de preuves

Il n'y a pas de responsabilité pénale pour une personne qui donne ou reçoit un pot-de-vin dans le cadre d'assister la justice à obtenir des éléments de preuve sur l'infraction de corruption.

Article 651: Confiscation des produits issus de la corruption et autres infractions connexes

Lorsque le défendeur est reconnu coupable de corruption ou des infractions connexes

biteganyijwe muri iki cyiciro, urukiko rugomba gutegeka ubunyagwe bw'ibintu, indonke cyangwa indi mitungo bikomoka ku cyaha n'ibyabyawe n'iyi mitungo n'izindi nyungu zose zayikomotseho cyangwa bitashobotse gusobanurirwa inkomoko yabyo yemewe n'amategeko.

Icyiciro cya 7: Iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba

Akiciro ka mbere: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 652: Iyezandonke

Muri iri tegeko ngenga, iyezandonke ni igikorwa kimwe cyangwa byinshi muri ibi bikurikira, cyakozwe bigambiriwe:

- 1° guhindura, kohereza cyangwa gufata umutungo, nyir'ukubikora azi ko bituruka ku cyaha gikomeye cyangwa cy'ubugome cyangwa se bituruka ku kugira uruhare muri icyo cyaha, hagamijwe guhisha, kutagaragaza inkomoko itemewe n'amategeko y'uwo mutungo cyangwa gufasha umuntu wese wagize uruhare mu ikorwa ry'icyo cyaha guhunga ubutabera;

Section, the Court must order the confiscation of property, proceeds or other assets resulting from the offence and the fruits thereof and all other resulting profits or whose origin was not legally justified.

Section 7: Money laundering and terrorism financing

Sub section One: Definitions of terms

Article 652: Money laundering

For the purpose of this Organic Law, money laundering means one or several of the following acts committed deliberately:

- 1° the conversion, transfer or handling of property whose perpetrator knows that they derive from a misdemeanour or a felony, or from an act of participation in such offences, for the purpose of concealing or disguising the illegal origin of the property or of assisting any person involved in the commission of such an offence to escape justice;

prévues dans la présente section, la juridiction doit décider la confiscation des biens, des produits ou autres actifs résultant de l'infraction et de leurs fruits et tous les autres bénéfiques y résultant ou dont l'origine n'a pas été légalement justifiée.

Section 7: Blanchiment de capitaux et financement des actes de terrorisme

Sous-section première: Définitions des termes

Article 652: Blanchiment de capitaux

Aux fins de la présente loi organique, le blanchiment de capitaux est l'un ou plusieurs agissements énumérés ci-après et intentionnellement commis:

- 1° la conversion, le transfert ou la détention de biens dont l'auteur sait qu'ils proviennent d'un délit ou d'un crime ou de participation à de tels actes criminels, dans le but de dissimuler ou de déguiser l'origine illégale desdits biens ou d'aider toute personne impliquée dans la commission de cette infraction à échapper à la justice;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

- | | | |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>2° guhisha, kutagaragaza imiterere, inkomoko, ahabarizwa umutungo, kuwukoresha uko ushaka, itangwa ryawo, guhisha nyir'umutungo nyawe cyangwa uwufiteho uburenganzira, uzi neza ko uwo mutungo ari indonke ituruka ku cyaha gikomeye cyangwa cy'ubugome cyangwa uturuka ku kugira uruhare kuri ibyo byaha;</p> | <p>2° the concealment, disguise of the true nature, origin, location, disposition, donation, the owner of the property or the person having rights on it, knowing that such a property is derived from a misdemeanour or a felony or from an act of participation in such offences;</p> | <p>2° la dissimulation, le déguisement de la nature, de l'origine, du lieu, de la disposition, de la donation ou de la dissimulation du propriétaire de biens ou l'ayant-droit, sachant que ces biens proviennent d'un délit ou d'un crime ou de la participation à de tels actes criminels;</p> |
| <p>3° kugura, gutunga cyangwa gukoresha umutungo uzi ko, mu gihe cyo kuwakira, uwo mutungo ukomoka ku cyaha gikomeye cyangwa cy'ubugome cyangwa uturuka ku kugira uruhare kuri ibyo byaha;</p> | <p>3° acquisition, possession or use of property, knowing, at the time of reception, that such a property is derived from a misdemeanour or a felony or from an act of participation in such offences;</p> | <p>3° acquisition, possession ou utilisation de biens dont l'auteur sait, au moment de leur réception, qu'ils proviennent d'un délit grave ou d'un crime ou de la participation à de tels actes criminels;</p> |
| <p>4° kugira uruhare, kwishyira hamwe, ubwinjiracyaha, gufasha, gushuka, gutegera, korohereza cyangwa gutanga inama mu gukora igikorwa icyo ari cyo cyose mu byavuzwe muri iyi ngingo.</p> | <p>4° participation in, association to commit, attempts to commit, aiding, inciting, abetting, facilitating or counselling the commission of any of the acts mentioned in this Article.</p> | <p>4° la participation à l'un des actes visés au présent article, l'association pour commettre ledit acte, la tentative de le perpétrer, le fait d'aider, d'inciter ou de conseiller quelqu'un à le faire ou le fait d'en faciliter l'exécution.</p> |

Haba habaye iyezandonke nubwo ibikorwa by'ibanze biganisha ku kugura, gutanga cyangwa kohereza umutungo ugamije kwezwa cyangwa gukingira ikibaba, byaba byakorewe ku butaka bw'ikindi gihugu.

Money laundering is committed even if the original acts leading to the acquisition, disposition or transfer of the property to be laundered or the protection of the offender, are carried out on the territory of a third State.

Il y a blanchiment de capitaux même si les faits qui sont à l'origine de l'acquisition, de la disposition ou du transfert des biens à blanchir ou de la protection de l'auteur, sont commis sur le territoire d'un Etat tiers.

Ingingo ya 653: Gutera inkunga iterabwoba

Icyaha cyo gutera inkunga iterabwoba ni igikorwa gikozwe n'umuntu uwo ari we wese, akagikorera ikigo cy'iterabwoba, mu gutanga, mu gukusanya cyangwa mu gucunga amafaranga cyangwa umutungo uwo ari wo wose cyangwa mu gutanga inama agamije kubona ayo mafaranga, uwo mutungo n'ibyo bikoreho byakorehwa cyangwa azi ko byose cyangwa igice cyabyo bigamije gukorehwa kimwe mu bikorwa by'iterabwoba.

Akicro ka 2: Ibihano ku cyaha cy'iyezandonke n'icyo gutera inkunga iterabwoba

Ingingo ya 654: Ibihano k'uwakoze icyaha cy'iyezandonke n'icyo gutera inkunga iterabwoba

Umuntu wese ukora icyaha cy'iyezandonke cyangwa uwo bafatanyije, bahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) z'umubare w'amafaranga y'iyezandonke.

Umuntu wese wakoze icyaha cyo gutera

Article 653: Financing of terrorism

An offence of financing of terrorism means an act of financing a terrorism enterprise by an individual by providing, collecting or managing funds, assets or any goods or by providing advice to that effect, with the aim of having those assets or goods utilized or knowing that they are intended to be used, entirely or partially in order to commit any of terrorism acts.

Sub-section 2: Penalties for money laundering and financing of terrorism

Article 654: Penalties for a person who commits money laundering and financing of terrorism

Any person who commits money laundering or an accomplice, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of two (2) to five (5) times the value of the amount of the laundered sums.

Any person, who commits terrorism

Article 653: Financement du terrorisme

L'infraction de financement du terrorisme est le financement par toute personne d'une entreprise terroriste en fournissant, en collectant ou en gérant des fonds, des valeurs ou des biens quelconques ou en donnant des conseils à cette fin, dans l'intention de voir ces fonds, valeurs ou biens utilisés ou en sachant qu'ils sont destinés à être utilisés, en tout ou partie en vue de commettre l'un quelconque des actes de terrorisme.

Sous-section 2: Peines pour blanchiment de capitaux et financement du terrorisme

Article 654: Peines applicables à l'auteur du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme

Toute personne qui commet le blanchiment de capitaux ou son complice, est passible d'une peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de deux (2) à cinq (5) fois le montant des sommes blanchies.

Toute personne qui commet l'infraction de

inkunga iterabwoba, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) z'umubare w'amafaranga y'inkunga ye.

Ingingo ya 655: Ubufatanyacyaha mu iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba

Umuntu wese wagize uruhare mu ishahirahamwe agamije gukora ibikorwa bivugwa mu ngingo ya 652 n'ya 653 z'iri tegeko ngenga, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'umubare w'amafaranga y'inkunga ye.

Ingingo ya 656: Ibihano ku cyaha cy'iyezandonke cyangwa cyo gutera inkunga iterabwoba bikoze cyangwa n'umuryango ufite ubuzimagozi

Amashyamba, ibigo, imiryango n'amashyamba bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzima gatozi bikoze icyaha cy'iyezandonke cyangwa cyo gutera inkunga iterabwoba, bikoresheje ababihagarariye, bihanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ingana n'inshuro ebyiri iteganyijwe

financing, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine, in Rwandan francs, of two (2) to five (5) times the amount of his/her financial assistance.

Article 655: Complicity in money laundering and financing of terrorism

Any person who associates with an association with intent to commit acts mentioned in Articles 652 and 653 of this Organic Law, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of two (2) to ten (10) times the amount of his/ her financial assistance.

Article 656: Penalties for money laundering or financing of terrorism committed by a legal entity

Public or private companies, enterprises, organizations or associations with legal personality which commit an offence of money laundering or financing of terrorism, through their representatives, shall be liable to a fine equal to twice the fine applicable to individuals, without prejudice to the liability

financement du terrorisme, est passible d'une peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende, en francs rwandais, de deux (2) à cinq (5) fois le montant de son concours financier.

Article 655: Complicité dans le blanchiment de capitaux et le financement du terrorisme

Toute personne qui participe à une association en vue de la commission des faits visés aux articles 652 et 653 de la présente loi organique, est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois le montant de son concours financier.

Article 656: Peines applicables à une personne morale pour blanchiment de capitaux ou financement du terrorisme

Les sociétés, les établissements, les organisations ou les associations de droit public ou privé dotés de la personnalité juridique qui commettent une infraction de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme, par l'intermédiaire de leurs représentants, sont condamnées à une

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

abantu ku giti cyabo, bitabujije ko abawuhagarariye baryozwa icyaha cy'ubufatanyacyaha.	for complicity of its representatives.	amende égale au double de celle prévue pour les personnes physiques, sans préjudice de la condamnation de ses représentants comme complices de l'infraction.
Bitewe n'uburemere bw'ibyakozwe, uwo muryango ushobora guhanishwa kandi:	The legal entity, depending on the gravity of the events, may also be sentenced to:	Selon la gravité des faits commis, cette personne morale peut aussi être condamnée à:
1° kubuzwa burundu gukora mu buryo buziguye cyangwa butaziguye imirimo yihariye ijyanye n'umwuga;	1° prohibition from direct or indirect involvement in specific professional activities;	1° l'interdiction à titre définitif d'exercer directement ou indirectement certaines activités professionnelles;
2° guhagarikwa mu gihe kitari muni y'imyaka itanu (5);	2° suspension for not less than five (5) years;	2° la suspension pour une durée de cinq (5) ans au moins ;
3° guseswa igihe washinzwe ugamije gukora icyaha.	3° dissolution when established as a criminal organization.	3° la dissolution lorsqu'elle a été créée pour commettre les actes criminels.
Icyemezo cy'urukiko gitanga igihano gitangazwa mu binyamakuru no mu bundi buryo bwose bukoreshwa mu itangazamakuru.	The court's decision shall published in newspapers and through other means used by the media.	La décision judiciaire de condamnation est publiée dans la presse écrite et par toute autre voie utilisée par les médias.
<u>Ingingo ya 657: Impamvu nkomezacyaha ku cyaha cy'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba</u>	<u>Article 657: Aggravating circumstances on the offence of money laundering or financing of terrorism</u>	<u>Article 657: Circonstances aggravantes pour l'infraction de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme</u>
Ibihano bivugwa mu ngingo ya 654, iya 655 n'iya 656 z'iri tegeko ngenga bishobora kwikuba kabiri:	Penalties mentioned in Articles 654, 655 and 656 of this Organic Law may be doubled :	Les peines prévues aux articles 654, 655 et 656 de la présente loi organique peuvent être portées au double :
1° igihe icyaha cy'ibanze gihanishwa	1° if the principal offence is punishable	1° quand l'infraction d'origine est

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

igifungo kiruta ikivugwa mu ngingo ya 654, iya 655 n'iya 656 z'iri tegeko ngenga;	by a term of imprisonment higher than the one in Articles 654, 655 and 656 of this Organic Law;	punissable d'un emprisonnement d'une durée supérieure à celle prévue aux articles 654, 655 et 656 de la présente loi organique;
2° igihe icyaha gikozwe mu rwego rw'akazi;	2° if the offence is committed in the course of employment;	2° lorsque l'infraction est perpétrée dans l'exercice d'une activité professionnelle;
3° igihe icyaha gikozwe mu rwego rw'ubufatanyacyaha bwateguwe;	3° if the offence is committed within the framework of an organized criminal conspiracy;	3° lorsque l'infraction est perpétrée dans le cadre d'une entente criminelle organisée;
4° igihe habaye isubiracyaha.	4° in case of recidivism.	4° en cas de récidive.

Ingingo ya 658: Ibihano ku bindi byaha bifitanye isano n'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba

Umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi mu rwego rw'imirimo akora, ayobora, azenzura cyangwa atangamo inama ku byerekeranye no kubitsa, kuvunja, gushora imari, guhindura cyangwa ubundi buryo bwose bwo kwimura amafaranga cyangwa indi mitungo:

- 1° umenera ibanga abandi bantu ku byerekeye ibikorwa bikemangwa byagaragarijwe Ishami rishinzwe

Article 658: Penalties for other offences related to money laundering or financing of terrorism

Any natural person or legal entity who, in the exercise of its duties of managing, supervising or providing advice on deposit, currency exchange, investment or using any other means of transfer of funds or any other property:

- 1° reveals to third parties, the suspicious transaction report made to the Financial Investigation Unity, in the

Article 658: Peines pour d'autres infractions en rapport avec le blanchiment de capitaux ou le financement du terrorisme

Toute personne physique ou morale qui, dans l'exercice de ses fonctions de dirigeant, de superviseur, de conseiller en matière de dépôt, de change de monnaie, d'investissement ou d'utilisation de tout autre moyen de transfert de fonds ou de tout autre bien :

- 1° révèle aux tiers, les déclarations d'opérations suspectes faites à la Cellule de renseignements financiers, dans le

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

iperereza ku mari mu rwego rw'imirimo ye;	context of the execution of their activities;	cadre de l'exécution de ses activités ;
2° wangiza cyangwa urigitisha abizi inyandiko zibitswe;	2° knowingly destroys records or documents filed;	2° sciemment détruit ou soustrait des registres ou documents conservés;
3° ukora cyangwa ugerageza gukora ibikorwa bisabirwa umwirondoro akoresheje umwirondoro utari wo;	3° performs or attempts to perform under a false identity, the transactions for which the declaration of identity is prescribed;	3° réalise ou tente de réaliser sous une fausse identité, les opérations pour lesquelles la déclaration de l'identité est prescrite;
4° umenyeshwa iby'iperereza ku iyezandonke ku bw'umurimo akora agakoresha uburyo bwose bwo kuburira abantu bakorwaho iperereza;	4° having been informed because of their profession, of an investigation for money laundering, informs, by all means, the persons subject to the investigation;	4° ayant eu connaissance en raison de sa profession, d'une enquête pour des faits de blanchiment de capitaux, en informe, par tous moyens, les personnes visées par l'enquête ;
5° utangariza abacamanza cyangwa abandi bakozi ba Leta babifitiye ububasha inyandiko azi ko zituzuye cyangwa azi ko zirimo amakosa;	5° communicates to judicial authorities or to the competent civil servants, documents that he/she knows are truncated or erroneous;	5° communique aux autorités judiciaires ou aux autres agents de l'Etat compétents, des documents qu'elle sait tronqués ou erronés ;
6° uca ku mategeko ajyanye n'ibanga ry'amakuru yakusanyijwe n'ubuza kuyahishura cyangwa kuyatangaza;	6° disregards the rules related to the secrecy of information collected, related to the prohibition to reveal them or communicate them;	6° méconnaît les règles relatives au secret des informations recueillies ou qui interdit de les divulguer ou les communiquer;
7° udatanga raporo z'ibikorwa bikemangwa kandi imiterere y'ibyo bikorwa yatumye hakekwa ko amafaranga yaba yaraturutse kuri kimwe mu byaha bifitanye isano n'iyezandonke cyangwa gutera	7° do not submit the suspicious transaction report , despite the fact that the transaction lead to deduce that the funds could come from one of the offences related to money laundering or to financing of terrorism;	7° ne procède pas à la déclaration de transactions suspectes alors que les circonstances de l'opération amenaient à déduire que les fonds auraient pu provenir d'une des infractions liées au blanchiment de capitaux ou au

inkunga iterabwoba;

8° utanga cyangwa wakira amafaranga y'inozi n'ibiceri afite umubare uri hejuru y'ikigero cyashyizweho n'Ishami rishinzwe iperereza ku mari;

9° wica amategeko ajyanye n'iyohereza ry'amafaranga mu rwego mpuzamahanga;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Icyiciro cya 8: Ibyaha byerekeye imyitwarire y'abayobozi

Ingingo ya 659: Ibihano bihabwa umuyobozi ushyira inyungu z'amahanga imbere y'iz'u Rwanda

Umuyobozi wese ushyira inyungu z'Igihugu cy'amahanga imbere y'iz'u Rwanda, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

8° makes or accepts payments in cash for sums higher than the threshold set by the Financial Investigation Unit;

9° violates the rules related to the international transfer of funds;

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Section 8: Offences related to leadership code of conduct

Article 659: Penalties for a leader who gives priority to foreign interests over Rwandan interests

Any leader who gives priority to interests of a foreign country over Rwanda's interests shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

financement du terrorisme ;

8° effectue ou accepte des règlements en espèces pour des sommes supérieures au seuil fixé par la Cellule de renseignements financiers ;

9° contrevient aux règles relatives aux transferts internationaux de fonds ;

est passible d'une peine d'emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Section 8: Infractions relatives au code de conduite des autorités

Article 659: Peines applicables à une autorité qui donne priorité aux intérêts étrangers aux dépens des intérêts du Rwanda

Toute autorité qui donne priorité aux intérêts d'un pays étranger aux dépens de ceux du Rwanda est passible d'une peine d'emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 660: Ibihano bihabwa umuyobozi usebya Igihugu cyangwa Leta

Umuyobozi wese ukora igikorwa kigamije gusebya Igihugu cyangwa Leta, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 661: Ibihano bihabwa umuyobozi ubangikanya imirimo ibujijwe

Umuyobozi wese ubangikanya imirimo ibujijwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 662: Ibihano bihabwa umuyobozi uhishira imyitwarire mibi y'undi muyobozi

Umuyobozi umenya imyitwarire inyuranyije n'ibiteganywa n'itegeko ngenga rigenga imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta yagaragaye ku wundi muyobozi kabone

Article 660: Penalties for a leader who tarnishes the image of the Country or the Government

Any authority who commits an act aimed at tarnishing the image of the Country or the Government, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 661: Penalties for a leader conducting activities incompatible with his/her duties

Any leader who engages in activities incompatible with his/her duties, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 662: Penalties for a leader's silence about a misconduct of another leader

A leader who is aware that another leader, even if he/she is not his/her superior, behaves in a manner that is inconsistent with the organic law on the leadership code of conduct

Article 660: Peines applicables à une autorité qui ternit l'image du Pays ou du Gouvernement

Toute autorité qui pose un acte destiné à ternir l'image du Pays ou du Gouvernement, est passible d'une peine d'emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1,000,000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 661: Peines applicables à l'autorité se livrant aux activités incompatibles avec ses fonctions

Toute autorité qui se livre aux activités incompatibles à ses fonctions, est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions de francs rwandais (2.000.000) ou de l'une de ces peines seulement.

Article 662: Peines applicables à une autorité ne dénonçant pas les mauvais comportements d'une autre autorité

Une autorité prenant connaissance des comportements contraires aux dispositions de la loi organique portant code de conduite des autorités des institutions publiques, dans

nubwo yaba atamukuriye, ntabimenyeshe inzego zibishinzwe mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15), ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo imyitwarire ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo igaragaye ku muyobozi, umukuriye akayimenya ntayikumire cyangwa ngo ayitangaze, afatwa nk'umufatanyacyaha.

Icyiciro cya 9: Ibindi bikorwa binyuranyije n'amategeko bikorwa n'abakora imirimo ya Leta

Ingingo ya 663: Gufata icyemezo kibuzwa iyubahirizwa ry'itegeko

Umuntu wese, wahawe ububasha n'igihugu, ufata mu kazi ke icyemezo kigamije kuburizamo iyubahirizwa ry'itegeko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe

who does not report the case in writing to competent authorities within a period not exceeding fifteen (15) shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100.000) to one million (1.000.000) Rwandan francs or any of these penalties.

If a superior is aware of the misconduct under Paragraph One of this Article and does not prevent or disclose it, he/she shall be treated as an accomplice.

Section 9: Other offences committed by civil servants

Article 663: Taking a decision hindering the enforcement of a law

Any person holding a public office who by virtue of his/her office makes a decision that hinders the enforcement of a law shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

le chef d'une autre autorité qui que ce soit, bien même qu'elle ne soit pas son supérieur hiérarchique et qui n'en informe pas par écrit les instances habilitées dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours, est passible d'une peine d'emprisonnement de un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Au cas où le supérieur prend connaissance des comportements décrits à l'alinéa premier du présent article dans le chef d'une autorité dont il est le supérieur hiérarchique et qu'il ne fait rien pour les prévenir ou les dénoncer, il est pris pour complice.

Section 9: Autres infractions commises par des personnes exerçant une fonction publique

Article 663: Prise de décision visant à faire échec à l'application d'une loi

Toute personne dépositaire de l'autorité publique, agissant dans l'exercice de ses fonctions, qui prend une décision visant à faire échec à l'application d'une loi, est passible d'une peine d'emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à un million

(1.000.000).

Icyaha kivugwa mu gika kibanziriza iki, gihanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000), igihe kiba cyageze ku mugambi.

Ingingo ya 664: Gukomeza gukoresha ububasha nyuma y'ihagarika ry'imirimo mu buryo buteganywa n'amategeko

Umuntu wese, wahawe ububasha n'igihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu cyangwa wahawe inshingano ku bw'amatora, ukomeza imirimo nyuma yo kumenyeshwa ko atakiri muri iyo mirimo cyangwa nyuma yo kurangiza manda ye, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Ingingo ya 665: Gukora igikorwa gihohotera uburenganzira bwo kwishyira ukizana bwa muntu

Umuntu wese, wahawe ububasha mu gihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego

The offence under the preceding paragraph shall be punishable by imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of three hundred thousand (300,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs, if it has been committed.

Article 664: Continued use of authority after termination of office in accordance with law

Any person holding authority or a public office, or invested with responsibility from an elective mandate, who is informed of termination of his/her office or whose term of office has expired, but continues to exercise the mandate, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

Article 665: Act violating individual liberty

Any person holding public authority or responsible for a public service, who, in the

(1.000.000) de francs rwandais.

L'infraction prévue à l'alinéa précédent est punie d'une peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de trois cent mille (300.000) à cinq millions de francs (5.000.000) de francs rwandais, si l'infraction a été consommée.

Article 664: Continuer à exercer les fonctions après leur cessation conformément à la loi

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public ou investie d'un mandat électif, ayant été notifiée de la cessation de ses fonctions ou dont le mandat arrive à son terme et qui continue à exercer les dites fonctions, est passible d'une peine d'emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Article 665: Commettre un acte attentatoire à la liberté individuelle

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de

rw'umurimo rusange w'igihugu, mu kazi ke cyangwa ku bw'imikorere y'akazi ke, utegeka cyangwa ukora ubwe igikorwa gihohotera uburenganzira bwo kwishyira ukizana bwa muntu, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

Ingingo ya 666: Kwanga guhagarika cyangwa gutabariza uwambuwe uburenganzira bwo kwishyira ukizana kandi ubifitiye ububasha wahawe n'igihugu

Umuntu wese, wahawe ububasha mu gihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu, umenya ko hari umuntu wambuwe uburenganzira bwe bwo kwishyira ukizana akareka nkana kubihagarika kandi yari abishoboye cyangwa akanga kumutabariza ubutegetsibubishinzwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 667: Gukoresha mu buriganya abakozi

Umuntu wese, ku bw'uburiganya, ukoresha

course of exercising his/her duties, orders or does an act that violates an individual's liberty, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Article 666: A person with authority who fails to assist or seek assistance to end illegal deprivation of individual liberty

Any person who holds public office or responsible for a public service, who is aware of illegal deprivation of an individual's liberty and fails to assist or to seek assistance from competent authority to end it shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs, or one of these penalties.

Article 667: Fraudulent use of employees

Any person who fraudulently engages

service public, agissant dans l'exercice ou en vertu de l'exercice de ses fonctions, qui ordonne ou accomplit personnellement un acte attentatoire à la liberté individuelle est passible d'une peine d'emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Article 666: Abstention pour une personne ayant le pouvoir de mettre fin ou de demander secours pour une personne privée de sa liberté individuelle

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public qui prend connaissance d'une privation de liberté illégale, qui omet volontairement d'y mettre fin alors qu'il en a le pouvoir, ou qui ne demande pas secours auprès de l'autorité compétente, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 667: Exploitation frauduleuse du personnel

Toute personne qui, frauduleusement,

mu mirimo ye bwite cyangwa y'undi, abakozi ashinzwe k'ubw'umurimo, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 668: Gushyira umuntu mu buroko cyangwa kumurekeramo mu buryo bunyuranije n'amategeko

Umukozi wa Leta wese ushyira umuntu muri kasho cyangwa mu buroko cyangwa akamurekeramo nta tegeko cyangwa icyemezo cy'umucamanza gikozwe mu buryo buteganywa n'amategeko, ahanishwa igifungo kingana n'icyo uwo yarenganyije yamazemo kinyuranye n'amategeko n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Ingingo ya 669: Kwinjira mu rugo rw'undi nta burenganzira

Umuntu wese, wahawe ububasha mu gihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu, winjira cyangwa ugerageza kwinjira mu rugo rw'umuntu nta burenganzira, uretse gusa mu

employees under his/her supervision for his/her own interest or that of a third party shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs, or one of these penalties.

Article 668: Unlawful detention

Any civil servant who puts or retains a person in detention or in prison, without an order or a judgment passed in conformity with the law, shall be liable to a term of imprisonment equivalent to the term incurred by the illegally detained person and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

Article 669: Residence trespassing

Any person who holds public office or responsible for a public service who enters or attempts to enter another person's residence without authorisation of the owner, except in cases provided for by law, shall be liable to a

emploi à son profit ou au profit d'un tiers, le personnel dont elle est responsable en vertu de ses fonctions est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 668: Détention illégale

Tout agent de l'Etat qui met ou maintient une personne en détention ou en prison, sans ordonnance ou jugement établi conformément à la loi, est passible d'une peine d'emprisonnement égal à celle que la personne détenue illégalement a déjà purgée et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1,000,000) de francs rwandais.

Article 669: Introduction dans le domicile d'autrui sans son autorisation

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public, qui s'introduit ou tente de s'introduire dans le domicile d'autrui contre le gré de celui-ci, sauf les cas prévus par la

bihe biteganyijwe n'itegeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

UMUTWE WA IV: IBYAHA BIHUNGABANYA UMUDENDEZO W'IGIHUGU

Icyiciro cya mbere: Ibyaha byerekeye intwaro

Ingingo ya 670: Igisobanuro cy'intwaro

Intwaro zivugwa muri iki cyiciro ni imbunda n'amamasu yazo, gerenade n'ibindi byose biturika bikoreshwa nk'intwaro.

Ingingo ya 671: Gutunga intwaro, kuyicuruza, kuyikora, guhindura ibimenyetso by'intwaro, gukwirakwiza no kwinjiza intwaro

Umuntu wese utunga intwaro, uyitiza, uyitanga, uhindura ibimenyetso byayo mu buryo ubwo ari bwo bwose, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu

term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

CHAPTER IV: OFFENCES AGAINST PUBLIC SECURITY

